


UMUNARA W'UMURINZI

UTANGAZA UBWAMI BWA YEHOVA



IBICE BIZIGWA KUVA KU ITARIKI YA
3-30 UKUBOZA 2018



IFOTO YO KU GIFUBIKO:
VENEZUWELA

Mushiki wacu n’abana be barimo barabwira mu gace ka Telares de Palo Grande, mu mugwi wa Caracas, baragenda banywa akantu ko kubagarurira imbaraga

ABABWIRIZA
149.355

ABIGA BIBILIYA
209.866

ABATERANYE KU RWIBUTSO (2017)
478.266

IBIRIMO

3 1918—Hashize imyaka ijana

6 ICYUMWERU CYO KU YA 3-9 UKUBOZA Jya uvugisha ukuri

11 ICYUMWERU CYO KU YA 10-16 UKUBOZA Jya wigisha ukuri

Kubeshya birogeye cyane muri iki gihe. Byatangiye bite? Ni ikihe kinyoma kibi cyane kurusha ibindi cyavuzwe? Twakwirinda dute kugira ngo hatagira utuyobya, kandi se twakora iki ngo tuge tubwizanya ukuri na bagenzi bacu? Twakoresha dute Ibikoresho Bidufasha Kwigisha kugira ngo twigishe abandi ukuri? Ibi bice bidufasha kubisobanukirwa.

22 ICYUMWERU CYO KU YA 17-23 UKUBOZA Twiringire Umuyobozi wacu —Kristo

27 ICYUMWERU CYO KU YA 24-30 UKUBOZA Komeza kugira amahoro yo mu mutima mu gihe ibintu bihindutse

Kubera ko tudatunganye, iyo hagize ibintu bihinduka mu mibereho yacu cyangwa mu muryango wa Yehova, kubyakira biratugora. Ibi bice byombi bitwerekana icyo twakora kugira ngo dukomeze kugira amahoro yo mu mutima, kandi twiringire Kristo Umuyobozi wacu, no mu gihe ibintu bihindutse mu buryo tutari twiteze.

17 INKURU IVUGA IBYABAYE MU MIBEREHO Nafashe umwanzuro, Yehova ampa imigisha

32 ESE WARI UBIZI?

Iyi gazeti ntigomba kugurishwa. Kuyandika biri mu bigize umurimo wo kwigisha Bibiliya ku isi hose, kandi ushyigikiwe n’impano zitangwa ku bushake.

Niba wifuza gutanga impano, jya ku rubuga rwa www.jw.org.


UMUNARAWUMURINZI
UTANGAZA UBWAMI BWA YEHOVA

Uretse aho byagaragajwe ukundi, imirongo yose yakuwe muri Bibiliya ikoresha ururimi ruhuje n’igihe tugezemo yitwa *Bibiliya—Ubuhinduzi bw’isi nshya*.

The Watchtower (ISSN 0043-1087) Issue 13 October 2018 is published by Watchtower Bible and Tract Society of New York, Inc.; L. Weaver, Jr., President; G. F. Simonis, Secretary-Treasurer; 1000 Red Mills Road, Wallkill, NY 12589-3299, and printed by Watch Tower Bible and Tract Society of South Africa NPC, 1 Robert Broom Drive East, Rangeview, Krugersdorp, 1739. © 2018 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania. Printed in South Africa.

October 2018
Vol. 139, No. 13 KINYARWANDA

1918

HASHIZE IMYAKA IJANA

Umunara w'Umurinzi wo ku itariki ya 1 Mutarama 1918, wabimburiwaga n'amagambo agira ati: "Umwaka wa 1918 uduhishiye iki?" icyo gihe, Intambara ya Mbere y'Isi Yose yayogozaga u Burayi, ariko ibyabaye mu ntangiriro z'uwo mwaka byatumye Abigishwa ba Bibiliya n'isi yose muri rusange, babona ko ibintu byari kuzaba byiza.

AMAHANGA ASHAKISHA AMAHORO

Ku itariki ya 8 Mutarama 1918, Woodrow Wilson wari perezida wa Amerika yatanze disikuru imbere y'Inteko Ishinga Amategeko, avugamo ingingo 14 yatekerezaga ko zari iz'ingenzi kugira ngo haboneke "amahoro nyakuri kandi arambye." Yavuze ko amahanga akwiriye kujya mu mishyikirano, akagabanya intwari kandi hagashyirwaho "ishyirahamwe mpuzamahanga" ryari kuzagirira akamaro "ibihugu binini n'ibito." Izo "Ngingo Cumi n'E-nye" ni zo baje gushingiraho bashinga Umuryango w'Amahanga, kandi ni zo zifashishijwe mu gihe cy'A-masezerano y'i Versailles, bituma Intambara ya Mbere y'Isi Yose irangira.

ABARWANYAGA ABIGISHWA BA BIBILIYA BATSINDWA

Nubwo umwaka wa 1917 wari waranzwe n'imidugararo,* Abigishwa ba Bibiliya bari bafite ikizere cy'uko bari kuzagira amahoro, nk'uko byagaragazwaga n'ibyabaye mu nama ngarukamwaka y'umuryango wo mu rwego rw'amategeko wakoreshwaga n'Abigishwa ba Bibiliya (Watch Tower Bible and Tract Society).

Muri icyo gihe yabaye ku itariki ya 5 Mutarama 1918, abagabo bari barirukanywe kuri Beteli, bakaba

* Reba ingingo ivuga ngo: "1917—Hashize imyaka ijana," mu Gitabo nyamwaka cy'Abahamya ba Yehova cyo mu mwaka wa 2017, ku ipaji ya 172-176.

bari bafite inshingano ziremereye, bashatse kuyobora uwo muriyango. Iyo nama yatangiye n'isingesho ryatanze n'umugenzuzi usura amatorero w'indahemuka witwaga Richard H. Barber. Bamaze gusoma raporo y'ibyari byarakozwe mu mwaka wabanjirije uwo, hakurikiyeho amatora y'abayobozizi b'uwo muriyango. Umuvandimwe Barber yatanze amazina y'abakandida barindwi, harimo na Joseph Rutherford. Nyuma yaho, umwavoka wari ushyigikiye abarwanyaga Abigishwa ba Bibiliya na we yatanze abandi bakandida barindwi, harimo na ba bandi bari barirukanywe kuri Beteli, ariko batsinzwe amatora. Abanyamuryango batoye Umuvandimwe Rutherford n'abandi bavandimwe b'indahemuka batandatu.

Abavandimwe benshi bari baje muri icyo gihe bavuze ko "ari yo yabashimishije kurusha izindi zose bagiyemo." Ariko ibyo byishimo ntibyamaze kabiri.

UKO GITABO GISHYA CYAKIRIWE

Abigishwa ba Bibiliya bari bamaze amezi runaka batanga igitabo gishya cyasobanuraga ubuhanuzi (*Le mystère accompli*). Abasomyi b'imitima itaryarya bakiriyeye neza icyo gitabo.

Umugenzuzi usura amatorero wo muri Kanada witwaga E. F. Crist yagize icyo avugaga ku mugabo n'umugore we basomye icyo gitabo mu byumweru bitanu gusa, maze bagahita bemera ukuri! Yaravuze ati: "Bombi bari bafite ishyamba kandi bagize amajyambere yihuse."

Hari undi muntu wabonye icyo gitabo, ahita akerereka inshuti ze. Yakibonye mu burya butunguranye. Yaravuze ati: "Ubwu namanukaga mu muhanda, nagiyeye kumva numva ikintu kinyituye ku rutugu ngira ngo ni itafari, ariko ndebye mbona ni icyo gitabo. Nakijyanye mu rugo, maze ndagisoma ndakirangiza. . . . Naje



kumenya ko ari umubwirizabutumwa . . . wari wakijugunye akinyujije mu idirishya kubera uburakari . . . icyo gitabo cyatumye abantu benshi bamenya ukuri kuruta inyigisho zose uwo mubwirizabutumwa yigishije cyangwa ibindi bikorwa byose yakoze. . . Umujinya we watumye dusingiza Imana.”

Uwo mubwirizabutumwa si we wenyine cyarakaje. Ku itariki ya 12 Gashyantare 1918, abategetsi bo muri Kanada batangaje ko icyo gitabo giciwe, bavuga ko kirimo ibitekerezo bishishikariza abantu kwigomeka ku butegetsi kandi bidashyigikira intambara. Nyuma yaho gato, abategetsi bo muri Amerika na bo batangaje ko giciwe. Abategetsi bagiyeye gusaka mu mazu ya Beteli no mu biro byari muri leta ya New York, iya Penisilivaniya n’iya Kaliforniya, bashakisha ibimenyetso byo gushinja abari bayoboye umuryango wacu. Ku itariki ya 14 Werurwe 1918, Urwego Rushinzwe Ubutabera muri Amerika rwatangaje ko icyo gitabo kitemewe, ruvuga ko kugicapa no kugitanga byatumye abantu bagabanya umwete bari bafite mu ntambara, kandi ko binyuranyije n’Itegeko Rigenga Ubutasi.

ABAYOBORAGA UMURYANGO BAFUNGWA

Ku itariki ya 7 Gicurasi 1918, Urwego Rushinzwe Ubutabera rwasohoye impapuro zo guta muri yombi Giovanni DeCecca, George Fisher, Alexander Macmillan, Robert Martin, Frederick Robison, Joseph Rutherford, William Van Amburgh na Clayton Woodworth. Bashinjwaga “kuba ibigande, kwigomeka, gukora ibikorwa binyuranyije n’amategeko, ubuhemu no kwanga kujya mu gisirikare.” Urubanza

rwabo rwatangiye ku itariki ya 5 Kamena 1918, ariko ikizere cyo gutsinda cyari gike cyane. Kubera iki?

Umushinjacyaha mukuru wa Amerika yavuze ko Itegeko Rigenga Ubutasi bashinjwaga ko barenzeho, ari ryo ryashingirwagaho bacira imanza abayoboyaga abatwaga. Ku itariki ya 16 Gicurasi 1918, Inteko Ishinga Amategeko yanze ko iryo tegeko rivugururwa kugira ngo rirengere abantu batangazaga ukuri, babitewe n’impamvu zikwiriye kandi bafite intego nziza. Igitabo cyasobanuraga ubuhanuzi, cyari kimwe mu byagibwagaho impaka. Ku birebana n’icyo gitabo, inyandiko z’Inteko Ishinga Amategeko ya Amerika zaravugaga ziti: “Kimwe mu bikoresho biteje akaga cyane ni igitabo gisobanura ubuhanuzi . . . Gituma abasirikare bumva ko nta mpamvu ifatika ituma barwana, . . . ku buryo abantu banga kwiyandikisha mu gisirikare.”

Ku itariki ya 20 Kamena 1918, inteko y’abacamanza yahamije ibyaha abo bavandimwe bose uko ari umunani. Umunsi ukurikiyeho, umucamanza yasomye umwanzuro w’urubanza. Yaravuze ati: “Ibitekerezo byo mu rwego rw’idini abaregwa bamamaje bashyizeho umwete . . . biteje akaga gakomeye kuruta akaterwa n’umutwe w’Ingabo z’Abadage. . . . Bagomba guhabwa igihano kiremereye.” Nyuma y’ibyumweru bibiri, abo bavandimwe bagiyeye gufungirwa muri gereza ya Atlanta muri leta ya Jeworujija. Bagombaga gufungwa imyaka iri hagati ya 10 na 20.

UMURIMO WO KUBWIRIZA UKOMEZA KUJYA MBERE

Muri icyo gihe, Abigishwa ba Bibiliya bahanganye n’ibitotezo bikaze. Urwego Rushinzwe Ubutasi muri



Amerika rwakoze iperereza ku bikorwa byabo, maze babakorera dosiye igizwe n'impapuro nyinshi cyane. Ibyo urwo rwego rwanditse bigaragaza ko abo bavandimwe bari bariyemeje gukomeza kubwiriza.

Mu ibaruwa umukozi w'iposita wo mu mugi wa Orlando muri leta ya Folorida yandikiye Urwego Rushinzwe Ubutasi, yaravuze ati: “[Abigishwa ba Bibiliya] bazenguruka umugi wose bakwirakwiza muri buri rugo ibitekerezo byabo kandi akenshi babikora nijoro. . . . Biyemeje gukomeza, n'iyi barwanywa.”

Umukoroneri wakoraga mu Rwego Rushinzwe iby'Intambara yandikiye Urwego Rushinzwe Ubutasi ibirebana n'umurimo wa Frederick W. Franz, waje kuba umwe mu bari bagize Inteko Nyobozi. Yaranditse ati: “F. W. Franz . . . amaze kugurisha imibumbe myinshi y'igitabo gisobanura ubuhanuzi.”

Charles Fekel, na we waje kuba umwe mu bari bagize Inteko Nyobozi, yahuye n'ibitotezo bikaze. Abategesi bamufunze bamushinja ko akwirakwiza igitabo gisobanura ubuhanuzi, kandi bagenzuraga abantu yandikiranaga na bo. Yafunguwe muri gereza y'i Baltimore muri leta ya Merilandi, amaramo ukwezi kose. Bamwitaga “umwanzi wo muri Otirishiya.” Igihe yabwirizaga ashize amanga abamuhataga ibibazo, yibutse amagambo ya Pawulo ari mu 1 Abakorinto 9: 16, agira ati: “Ntatangaje ubutumwa bwiza nabona ishyano!”*

* Reba inkuru ya Charles Fekel, mu *Munara w'Umurinzi* wo ku itariki ya 15 Ugushyngiro 1970, ku ipaji ya 696 (mu Gifaransa).

Abigishwa ba Bibiliya babwirizaga babagiranye ishyaka, bakanasaba abantu gushyira umukono ku nyandiko yasabaga ko abavandimwe bari muri gereza ya Atlanta barekurwa. Anna K. Gardner yaravuze ati: “Ntitwigeze duterera iyo. Igihe abavandimwe bacu bari bafunzwe, twagiye gushaka abashyira umukono ku nyandiko yasabaga ko barekurwa. Twagiye ku nzu n'inzu, kandi abantu babarirwa mu bihumbi bayishyizeho umukono. Twababwiraga ko abo bavandimwe ari Abakristo b'ukuri kandi ko bafunzwe barengana.”

AMAKORANIRO

Muri icyo gihe kitari cyoroshye, habaye amakoraniro menshi yakomeje abavandimwe mu buryo bw'umwuka. *Umunara w'Umurinzi* waravuze uti: “Muri uwo mwaka . . . habaye amakoraniro asaga mironko ine. . . . Raporo zaturukaga muri ayo makoraniro zose zabaga zishishikaje. Kera ayo makoraniro yabaga inshuro nke mu mwaka, ariko ubu aba buri kwezi.”

Abantu b'imitima itaryarya bakiraga neza ubutumwa bwiza. Mu ikoraniro rimwe ryabereye i Cleveland, muri leta ya Ohiyo, hateranye abantu bagera ku 1.200 habatizwa 42, harimo n'umwana w'umuhungu wagaragazaga ko “akunda Imana cyane kandi akayikorera abagiranye ishyaka, agakoza isoni abantu benshi bakuze.”

HABAYE IKI NYUMA YAHU?

Uko iherezo ry'umwaka wa 1918 ryagendaga ryegereza, ikizere Abigishwa ba Bibiliya bari bafite cyagendaga kiyoyoka. Igice k'ikibanza bari bafite i Brooklyn cyari cyaragurishijwe, maze icicaro gikuru kimurirwa i Pittsburgh, muri leta ya Penisilivaniya. Abayoboraga umuryango wacu bari bakiri muri gereza, kandi indi nama ngarukamwaka yateganywaga ku itariki ya 4 Mutarama 1919. Byari kugenda bite?

Abavandimwe bacu bakomeje umurimo. Kuko bari bizeye ko ibintu byari kuzagenda neza, batoranyije isomo ry'umwaka wa 1919 rigira riti: “Intwano yose yacuriwe kukurwanya nta cyo izageraho” (Yes 54:17). Ibintu byari bigiye guhinduka, Abigishwa ba Bibiliya bakagira ukwizera gukomeye, maze bakarushaho gukora umurimo wari ubategereje.





Jya uvugisha ukuri

“Mubwizanye ukuri.”—ZEK 8:16.

INDIRIMBO: 56, 124

WASUBIZA UTE?

Satani ayobya abantu
ate muri iki gihe?

Kuki abantu bakunda
kubeshya?

Twakora iki ngo tuge
tubwizanya ukuri?

HARI ibintu byavumbuwe, bituma abantu barushaho kugira ubuzima bwiza. Muri byo harimo terefoni, amatara, imodoka, firigo n’ibindi. Ariko hari n’ibindi bintu byavumbuwe biteza abantu akaga. Muri byo harimo imbunda, ibisasu, itabi, ibitwaro bya kirimbuzi n’ibindi. icyakora hari ikindi kintu cyabayeho mbere y’ibyo byose kandi kigira ingaruka mbi cyane ku mibereho y’abantu. icyo kintu ni ikihe? Ni ikinyoma. Kubeshya ni ukuvuga ikintu uzi neza ko atari ukuri kugira ngo uyobye umuntu. Ni nde wabeshye bwa mbere? Yesu Kristo yavuze ko “Satani” ari “se w’ibinyoma.” **(Soma muri Yohana 8:44.)** Yatangiye kubeshya ryari?

² Yabeshye ku nshuro ya mbere mu busitani bwa Edeni, ubu hakaba hashize imyaka ibarirwa mu bihumbi. Umugabo n’umugore ba mbere ari bo Adamu na Eva, bari babayeho neza muri Paradizo Umuremyi wabo yari yarabashyizemo. Hanyuma Satani yaje kubidobya. Yari azi neza ko Imana yababujije kurya ku ‘giti kimenyesha icyiza n’ikibi,’ baramuka bakiriyeho, bagapfa. Nubwo Satani yari abizi, yavugiye mu nzoka, abwira Eva ati: “Gupfa ko ntimuzapfa.” icyo ni cyo kinyoma cya mbere. Satani yakomeje agira ati: “Kuko Imana izi ko umunsi mwaziriye, amaso yanyu azahumuka mukamera nk’Imana, mukamenya icyiza n’ikibi.” —Intang 2:15-17; 3:1-5.

1, 2. Ni ikihe kintu cyabayeho kikagira ingaruka mbi ku bantu kurusha ibindi byose, kandi se ni nde wagatangije?

³ Ikinyoma cya Satani cyarimo ubugome bukabije, kubera ko yari azi neza ko Eva niyemera ibyo amubwira akarya ku mbuto zabuzanyijwe, yari kuzapfa. Adamu na Eva basuzuguye itegeko rya Yehova kandi amaherezo barapfuye (Intang 3:6; 5:5). Byongeye kandi, icyo cyaha cyatumye ‘urupfu rugera ku bantu bose.’ Koko rero, ‘urupfu rutegeka rumeze nk’umwami, ndetse rugategeka n’abatarakoze icyaha gisa n’icya Adamu’ (Rom 5:12, 14). Ni yo mpamvu aho kugira ngo abantu bishimire ubuzima butunganye buzira iherezo nk’uko Imana yari yarabiteganyije, ubu bamara ‘imyaka mirongo irindwi; bagira imbaraga zidasanzwe ikaba imyaka mirongo inani.’ Na bwo kandi, akenshi “iba yuzuyemo ibyago n’imibabaro” (Zab 90:10). Mbega ibintu bibabaje! Ibyo byose byatewe n’ikinyoma cya Satani.

⁴ Yesu yavuze ibya Satani agira ati: “Ntiyashikanye mu kuri, kuko ukuri kutari muri we.” No muri iki gihe ukuri ntikuri muri Satani kuko akomeje ‘kuyobya isi yose ituwe’ akoresheje ibinyoma bye (Ibyah 12:9). Ntitwifuza ko Satani atuyobya. Bityo rero, nimucyo dusuzume ibi bibazo bitatu: Satani ayobya abantu ate? Kuki abantu bakunda kubeshya? Twakora iki ngo ‘tuvugishe ukuri’ igihe cyose, kugira ngo tutangiza ubucuti dufitanye na Yehova nk’uko byagendekeye Adamu na Eva? —**Soma muri Zaburi ya 15:1, 2.**

SATANI AYOBYA ABANTU ATE?

⁵ Intumwa Pawulo yari azi ko dushobora kwirinda ko Satani ‘abona icyo adufati-

3. Ni iki kigaragaza ko ikinyoma cya Satani cyarimo ubugome bukabije? Cyagize izihe ngaruka?

4. (a) Ni ibihe bibazo tugiyeye gusuzuma? (b) Dukurikije ibivugwa muri Zaburi ya 15:1, 2, ni nde ushobora kuba inshuti ya Yehova?

5. Satani ayobya abantu ate muri iki gihe?

raho, kuko tutayobewe amayeri ye’ (2 Kor 2:11). Tuzi ko isi yose, hakubiyemo amadini y’ikinyoma, ubutegetsu bwa poritiki bwononekaye, n’ubucuruzi burangwa n’umururumba, byose biyoborwa na Satani (1 Yoh 5:19). Ubwo rero ntidutangazwa n’uko Satani n’abadayimoni be bashobora gutuma abantu bakomeye bo muri iyi si “bavuga ibinyoma” (1 Tim 4:1, 2). Urugero, iyo abacuruzi bamwe na bamwe bamamaza, barabeshya kugira ngo bagurishye ibicuruzwa byabo biteje akaga cyangwa barye abantu amafaranga mu mayeri.

⁶ Abayobozi b’amadini babeshya ni bo baba bahemutse cyane, kubera ko ibinyoma byabo bituma abantu batagira ibyiringiro by’ubuzima bw’iteka. Iyo umuntu yemeye inyigisho z’ibinyoma kandi agakora ibikorwa Imana yanga, bishobora gutuma abura ubuzima bw’iteka (Hos 4:9). Yesu yari azi ko abayobozi b’amadini bo mu gihe ke bayobya abantu. Yababwiye adaciye ku ruhande ati: “Muzabona ishyano, banditsi n’Abafarisayo, mwa ndyarya mwe, kuko mwambuka inyanja n’ibihugu mujyanywe no guhindura umuntu umwe umuyoboze w’idini ryanyu. Ariko iyo amaze guhindukirira idini ryanyu, mutuma aba ukwiriye guhanirwa muri Gehinomu [cyangwa kurimbuka burundu] incuro ebyiri kubarusha” (Mat 23:15). Yesu yamaganye abo bayobozi b’amadini y’ikinyoma akoresheje amagambo akarishye. Mu by’ukuri, ‘bakomokaga kuri Satani, w’umwicanyi.’—Yoh 8:44.

⁷ Muri iki gihe, hariho abayobozi b’amadini benshi cyane: hari abitwa abapasiteri, abapadiri n’andi mazina. Kimwe na bagenzi babo bo mu kinyejana cya mbere, “bapfukirana ukuri” ko mu Ijambo ry’Imana kandi ‘bafashe ukuri kw’Imana bakugurana

6, 7. (a) Kuki abayobozi b’amadini babeshya baba bahemutse cyane? (b) Ni izihe nyigisho z’ibinyoma wumvanye abayobozi b’amadini?

ikinyoma’ (Rom 1:18, 25). Bigisha inyigisho z’ibinyoma, urugero nk’ivuga ko “iyu umuntu akijijwe aba akijijwe burundu,” ivuga ko ubugingo budapfa, iy’umuriro w’iteka n’inyigisho ivuga ko Imana yemera ubutinganyi.

⁸ Abanyaporitiki barabeshya kugira ngo bayobye abantu. Ikinyoma gikomeye cyane bagiye gutangaza vuba aha, ni ikivuga ko bageze ku ‘mahoro n’umutekano.’ Ariko icyo gihe “ni bwo irimbuka ritunguranye rizabagwa gitumo.” Bityo rero ntutukemere gushukwa, ngo twirengagize ko iyi si iri hafi kurimbuka. Mu by’ukuri, ‘tuzi neza ko umunsi wa Yehova uzaza neza neza nk’uko umujura aza nijoro.’—1 Tes 5:1-4.

IMPAMVU ABANTU BAKUNDA KUBESHYA

⁹ Iyo abantu bakoze ikintu gishya kigakundwa, bakora ibindi byinshi, bigakwirakwira hose. Uko ni na ko byagenze ku kinyoma. Kubeshya birogeye cyane muri iki gihe, kandi abantu bakomeye si bo bonyine babeshya bashaka kuyobya abandi. Hari ingingo isobanura impamvu abantu babeshya igira iti: “Kubeshya byashinze imizi muri kamere y’abantu.” Abantu bakunda kubeshya bashaka kwirwanaho cyangwa kwibonekeza. Nanone babeshya bashaka guhisha amakosa n’ibikorwa bibi baba bakoze cyangwa bashaka kwibonera indamu n’izindi nyungu. Nk’uko iyo ngingo ikomeza ibivuga, hari abantu “babeshya bumva ko ari ibintu bisanzwe, bakabeshya mu bintu bikomeye n’ibyoroheje, bakabeshya abo batazi, abo bakorana, inshuti zabo na bene wabo.”—*Why We Lie*, yandi-tswe na Y. Bhattacharjee.

8. Ni ikihe kinyoma abanyaporitiki bagiye gutangaza vuba aha? Twagombye kucyakira dute?

9, 10. (a) Kuki abantu babeshya, kandi se bigira izihe ngaruka? (b) Ni iki twagombye kuzirikana?

¹⁰ Ariko se ibyo binyoma byose bigira izihe ngaruka? Kubeshya bituma abantu batizerana kandi bitanya inshuti. Urugero, tekereza umugore uca inyuma umugabo we ariko agakomeza kumubeshya ko amukunda. Uwo mugabo aramutse abime-nye yakumva ameze ate? Nanone tekereza umugabo w’umunyamwaga uhutaza umugore we n’abana be biherereye, ariko baba bari mu bandi akigira umuntu mwiza, mbe-se ukabona ni umugabo w’intangarugero. Ibyo byaba bibabaje cyane. Icyakora tuzirikane ko abantu nk’abo bariganya abandi nta cyo bashobora guhisha Yehova, kuko ‘ibintu byose byambaye ubusa kandi bitwikuwe imbere’ ye.—Heb 4:13.

¹¹ Bibiliya itubwira uko Satani yashutse umugabo n’umugore bo mu kinyejana cya mbere ari bo Ananiya na Safira, bakabeshya Imana. Bacuze umugambi wo kubeshya intumwa. Bagurishije isambu yabo maze bazanira intumwa igice kimwe k’ikiguzi cyayo. Bashakaga kwibonekeza mu itorerero, kugira ngo abantu bagire ngo ni abanyabantu cyane kandi mu by’ukuri babeshya. Ariko ibyo bakoze byose Yehova yarabibonye kandi yarabibahaniye.—Ibyak 5:1-10.

¹² Yehova abona ate abantu babeshya? Satani n’abantu bose bamwigana, bakabeshya abandi bagamije kubagirira nabi kandi ntibihane, bazajugunywa mu “nyanja y’umuriro.” Mu yandi magambo, bazarimburwa iteka ryose (Ibyah 20:10; 21:8; Zab 5:6). Kubera iki? Ni ukubera ko Yehova ashyira abo babeshyi mu rwego rumwe n’abandi bakora ibikorwa nk’iby’“imbwa,” ni ukuvuga abantu bakora ibikorwa Imana ibona ko biteye ishozi.—Ibyah 22:15.

11. Ibyabaye kuri Ananiya na Safira bitwigisha iki? (Reba ifoto ibimburira iki gice.)

12. Ababeshya abandi bagamije kubagirira nabi bizabagendekera bite, kandi kuki?

¹³ Tuzi ko Yehova ‘atari umuntu ngo avugye ibinyoma.’ Koko rero, ‘Imana ntishobora kubeshya’ (Kub 23:19; Heb 6:18). Nanone Bibiliya ivuga ko ‘Yehova yanga ururimi rubeshya’ (Imig 6:16, 17). Niba dushaka kumushimisha, tugomba kuvugisha ukuri igihe cyose. Ni yo mpamvu twirinda ‘kubeshyana.’—Kolo 3:9.

TUGE ‘TUVUGA UKURI’

¹⁴ Kimwe mu bintu bigaragaza ko Abakristo b’ukuri dutandukanye n’abayoboke b’amadini y’ikinyoma, ni uko ‘tuvuga ukuri.’ (Soma muri Zekariya 8:16, 17.) Pawulo yaravuze ati: ‘Tugaragaza ko dukwiriye kuba abakozi b’Imana, binyuze ku magambo y’ukuri’ (2 Kor 6:4, 7). Yesu na we yavuze ko “ibyuzuye umutima ari byo akanwa kavuga” (Luka 6:45). Ubwo rero niba mu mutima w’umuntu harimo ukuri, buri gihe azavugaga ukuri. Azavugisha ukuri haba mu bintu bikomeye n’ibyoroheje, yaba avugana n’abo atazi, abo bakorana, inshuti ze na bene wabo. Reka dusuzume ingero zigaragaza uko twakwihatira kuba inyangamugayo muri byose.

13. Ni iki tuzi kuri Yehova? Ibyo bidushishikariza gukora iki?

14. (a) Dutandukaniye he n’abayoboke b’amadini y’ikinyoma? (b) Sobanura ihame riboneka muri Luka 6:45.

¹⁵ Niba ukiri muto, ushobora kuba wifuza kwemerwa n’urungano rwawe. Ibyo bishobora gutuma ugwa mu mutego wo kugira imibereho y’amaharakubiri, nk’uko bamwe bawuguyemo. Iyo bari kumwe n’abagize imiryango yabo cyangwa abagize itorerero, ubona ari abana b’indakemwa, ariko baba bari kumwe n’abo bari mu kigerero kimwe badasenga Yehova cyangwa bari ku mbuga nkoranyambaga, bakaba abandi bandi. Usanga bakoresha imvugo nyandagazi, bakambara nabi, bakumva imizika y’akahebwe, bagasinda, bagakoresha ibiyobyabwenge, bakagirana ubucuti mu ibanga n’ibindi bibi byose. Bakunda kubeshya, bakabeshya ababyeyi babo, Abakristo bagenzi babo, bakabeshya n’Imana (Zab 26:4, 5). Iyo tuvuga ko twubaha Yehova ariko tugakora ibikorwa yanga, arabimenya (Mar 7:6). Byaba byiza twumviye inama igira ati: “Umutima wawe ntugagirire ishyari abanyabyaha, ahubwo ujye utinya Yehova umunsi wose.”—Imig 23:17.*

* Reba igitabo *Ibibazo urubwirako rwibaza n’ibibuzo byabyo*, Umubumbe wa 2, igice cya 15 kivuga ngo: “Nakwirinda nte amoshya y’urungano?” n’igice cya 16 kivuga ngo: “Ese ufite imibereho y’amaharakubiri?”

15. (a) Kuki kugira imibereho y’amaharakubiri ari bibi? (b) Ni iki cyafasha abakiri bato kumanira amoshya y’urungano? (Reba ibisobanura ahagana hasi ku ipaji.)

Uyu mushiki wacu afite ikihe kibazo?

(Reba paragarafu ya 15 n’iya 16)



¹⁶ Ushobora kuba wifuza kuba umupayiniya w’igihe cyose cyangwa gukora undi murimo w’igihe cyose wihariye, urugero nko gukora kuri Beteli. Igihe wuzuza fomu, ni iby’ingenzi ko uvugisha ukuri kose mu gihe usubiza ibibazo birebana n’ubuzima bwawe, imyidagaduro ukunda n’imyitwariye yawe (Heb 13:18). Ariko se byagenda bite niba warakoze ibikorwa by’ubwiyandarike cyangwa bikemangwa, ukaba utarabibwiye abasaza? Uzabashake ubibabwire kugira ngo bagufashe gukomeza gukorera Imana ufite umutimanama ukeye.—Rom 9:1; Gal 6:1.

¹⁷ None se wakora iki niba aho utuye umurimo wacu ubuzanyijwe, kandi abategesi bakaba bagusaba gutanga amakuru y’abavandimwe? Ese ni ngombwa ko ubawira ibintu byose uzi? Yesu yabigenje ate igihe guverineri w’Umuruma yamuhataga ibibazo? Yakurikije ihame ryo muri Bibiliya rivuga ko hariho “igihe cyo guceceka n’igihe cyo kuvuga,” rimwe na rimwe ntagire icyo amusubiza (Umubw 3:1, 7; Mat 27:11-14). Mu gihe uhuye n’ikibazo nk’icyo, byaba

16. Tugomba gusubiza dute ibibazo byo kuri fomu zisabirwaho gukora umurimo w’igihe cyose wihariye?

17. Twakora iki mu gihe abaturwanya batubajije amakuru y’abavandimwe bacu?

byiza ucecetse, kugira ngo udateze akaga abavandimwe bawe.—Imig 10:19; 11:12.

¹⁸ Wakora iki se niba umenye ko hari umuntu wo mu itorero wakoze icyaha gikomeye? Kubera ko abasaza bafite inshingano yo kurinda itorero kugira ngo rikomeze kurangwa n’isuku, bashobora kugira icyo babikubazaho. None se niba ari inshuti yawe cyangwa mwene wanyu wakoze icyo cyaha, uzabigenza ute? Bibiliya igira iti: “Usohora amagambo yo gukiranuka avuga ibiboneye” (Imig 12:17; 21:28). Bityo rero, ukwiriye kubwira abasaza ukuri kose, udashyizemo ibinyoma cyangwa ngo ugire ibyo ugoreka. Bafite uburenganzira bwo kumenya uko ibintu byagenze, kugira ngo bafashe uwakoze icyaha mu buryo bukwiye, yongere kugirana ubucuti na Yehova.—Yak 5:14, 15.

¹⁹ Dawidi umwanditsi wa zaburi yasenze Yehova agira ati: “Wishimiye ukuri ko mu mutima” (Zab 51:6). Dawidi yari azi ko kuvugisha ukuri bituruka imbere mu mutima. Abakristo b’ukuri ‘babwizanya ukuri’ mu mibereho yabo yose. Ikindi kintu kigaragaza ko dutandukanye n’abayoboke b’amadini y’ikinyoma, ni uko twigisha abandi inyigisho z’ukuri mu gihe tubwiriza. Mu gice gikurikira, tuzasuzuma uko tubikora.

18. Twakora iki mu gihe abasaza bagize icyo batubaza ku bavandimwe na bashiki bacu?

19. Ni iki tuzasuzuma mu gice gikurikira?

Ni ryari ugomba guceceka cyangwa kuvuga ukuri kose?
(Reba paragarafu ya 17 n’iya 18)





Jya wigisha ukuri

‘Yehova, Ijambo ryawe ni ukuri gusa gusa.’—ZAB 119:159, 160.

YESU KRISTO yari umubaji akaba n’umubwiriza (Mar 6:3; Rom 15:8). Iyo mirimo yombi yayikoraga neza cyane. Igihe yari umubaji, yakoresheje neza ibikoresho by’ububaji, maze ibiti akabikoramo ibintu by’ingirakamaro. Iyo yabaga abwiriza, yakoresheje neza ubumenyi yari afite agafasha abantu gusobanukirwa inyigisho zo mu Ijambo ry’Imana (Mat 7:28; Luka 24:32, 45). Amaze kugira imyaka 30, yaretse kubaza, akajya abwiriza gusa kubera ko yari azi ko kubwiriza ari wo murimo w’ingenzi cyane. Yavuze ko imwe mu mpamvu zatumye Imana imwohereza ku isi ari ukugira ngo atangaze ubutumwa bwiza bw’Ubwami bwayo (Mat 20:28; Luka 3:23; 4:43). Yibanze kuri uwo murimo, kandi yifuzaga ko n’abandi bawukora.—Mat 9:35-38.

² Abenshi muri twe si ababaji, ariko tubwiriza ubutumwa bwiza. Uwo murimo ni uw’ingenzi cyane kubera ko Imana na yo iwukora, bityo tukaba turi ‘abakozi bakorana na yo’ (1 Kor 3:9; 2 Kor 6:4). Tuzi neza ko ‘Ijambo [rya Yehova] ari ukuri gusa gusa’ (Zab 119:159, 160). Ni yo mpamvu tuba twifuzaga ‘gukoreshe neza ijambo ry’ukuri’ mu gihe tubwiriza. **(Soma muri 2 Timoteyo 2:15.)** Tugomba kwitwaza gukoreshe neza Bibiliya, kuko ari cyo gikoresho k’ibanze twifashisha twigisha ibyerekeye Yehova, Yesu

1, 2. (a) Ni uwuhe murimo Yesu yibanzeho igihe yari akiri ku isi, kandi kuki? (b) Twebwe “abakozi bakorana n’Imana,” ni iki cyadufasha gukora neza umurimo wo kubwiriza?

INDIRIMBO: 29, 53

WASUBIZA UTE?

Ni iki twagombye kwibandaho mu gihe tubwiriza?

Kuki twahawe Ibikoresho Bidufasha Kwigisha?

Ni ikihe gikoresho ukeneye kwimenezereza?

n’Ubwami. Kugira ngo dukore neza uwo murimo, umuryango wa Yehova waduhaye ibindi bikoresho by’ibanze tugomba kwimenyereza gukoresha. Tubyita Ibikoresho Bidufasha Kwigisha.

³ Ushobora kwibaza impamvu ibyo bikoresho tubyita Ibikoresho Bidufasha Kwigisha aho kubyita Ibikoresho Bidufasha Kubwiriza. “Kubwiriza” ni ugutangaza ubutumwa, naho “kwigisha” ni ugucengeza ubwo butumwa mu bwenge bw’umuntu no mu mutima we, kugira ngo akurikize ibyo yamenye. Mu gihe dusigaranye cyo gukora umurimo, tugomba kwihatira kwigisha abantu Bibiliya, bakamenya inyigisho z’ukuri. Ibyo bisobanura ko dushyiraho umwete, tugashakisha abantu bose “biteguye kwemera ukuri kuyobora ku buzima bw’iteka,” maze tukabafasha kuba abigishwa ba Kristo.—**Soma mu Byakozwe 13:44-48.**

⁴ Twabwirwa n’iki ‘abiteguye kwemera ukuri kuyobora ku buzima bw’iteka’? Nk’uko Abakristo bo mu kinyejana cya mbere babigenzaga, uburyo bumwe bwadufasha kubamenya ni ukubwiriza. Bityo rero, tugomba kumvira amabwiriza Yesu yatanze agira ati: “Umugi wose cyangwa umudugudu mwinjijemo, muje mushaka uwo muri wo ukwiriye” (Mat 10:11). Ntitwitega ko abantu b’indiyarya, abibone n’abantu badashishikazwa n’iby’Imana, bakira neza ubutumwa bwiza. Dushakisha abantu b’imitima itaryarya, bicisha bugufi kandi bifuzwa kumenya inyigisho z’ukuri. Umurimo wo kubwiriza twawugereranya n’umurimo Yesu yakoraga akiri umubaji. Yagombaga gushakisha ibiti byiza byo gukoramo ibikore-

3. Mu gihe dusigaranye cyo gukora umurimo wo kubwiriza, ni iki twagombye kwihatira gukora, kandi se mu Byakozwe 13:48 hadufasha hate kubigeraho?

4. Twabwirwa n’iki ‘abiteguye kwemera ukuri kuyobora ku buzima bw’iteka’?

sho byo mu nzu, urugero nk’intebe, ameza, inzugi n’ibindi. Iyo yabibonaga, yafataga ibikoresho bikwiranye n’ikintu agiye gukora, akakibaza akoresheje ubuhanga. Natwe tugomba kwihatira guhindura abigishwa abantu b’imitima itaryarya.—Mat 28:19, 20.

⁵ Habaho ibikoresho byinshi, buri gikoresho kikaba gifite icyo kigomba gukora. Reka dufate urugero rw’ibikoresho by’ububaji Yesu ashobora kuba yarakoresheye.* Yakeneraga ibikoresho byo gupima, guca imirongo, gukata imbaho, kuzitobora, kuziringaniza, kuzisena no kuziteranya. Mu murimo wo kubwiriza dukora, buri gikoresho twahawe na cyo kiba gifite icyo kigomba gukora. Reka dusuzume ibyo bikoresho, tunarebe uko twabikoreshe neza.

IBIKOresho BIDUFASHA GUSOBANURA ABO TURI BO

⁶ **Udukarita twa JW.ORG.** Nubwo ari duto, tudufasha gusobanurira abantu abo turi bo no kubayobora ku rubuga rwacu. Iyo barugezeho, bashobora kumenya byinshi ku Bahamya, bakaba banasaba kwiga Bibiliya. Kugeza ubu, abantu basaga 400.000 basabye kwiga Bibiliya kuri interineti, kandi buri muni ababisaba babarirwa mu magana. Mu gihe ugiye muri gahunda zawe za buri muni, kuki utagendana utwo dukarita kugira ngo nubona uburyo ubwirize?

⁷ **Impapuro z’itumira.** Urupapuro rutumirira abantu kuza mu materaniro rugamije ibintu bibiri. Ruba ruriho amagambo agira ati: “Utumiriwe kwigana Bibiliya n’Abahamya ba Yehova.” Hanyuma ruvuga

* Reba ingingo ifite umutwe uvuga ngo: “Umubaji” n’agasanduku gafite umutwe uvuga ngo: “Ibikoresho by’umubaji,” mu *Munara w’Umurinzi* wo ku itariki ya 1 Kanama 2010.

5. Ni iki tugomba kumenya ku birebana n’Ibikoresho Bidufasha Kwigisha? Tanga urugero. (Reba amafoto abimburira iki gice.)

6, 7. (a) Wakoresheje ute udukarita twa JW.ORG? (b) Impapuro z’itumira zigamije iki?

ko ushobora “kuza mu materaniro yacu” cyangwa ugashaka “Umuhamywa wa Yehova wakwigisha Bibiliya.” Bityo rero, urwo rupapuro rusobanura abo turi bo, rukanatumirira “abazi ko bakeneye ibintu byo mu buryo bw’umwuka” kwigana natwe Bibiliya (Mat 5:3). Birumvikana ko abantu bose, baba abemera ko tubigisha Bibiliya cyangwa abatabyemera, bashobora kuza mu materaniro yacu. Iyo bayajemo bibonera ko bashobora kwiga Bibiliya mu buryo burambuye.

⁸ Ni iby’ingenzi ko dukomeza gutumira abantu mu materaniro, nibura bakayazamo inshuro imwe. Kubera iki? Nibahagera, bazibonera ko dutandukanye cyane n’amadini y’ikinyoma, kuko twe twigisha ukuri ko muri Bibiliya kandi tugafasha abantu kumenya Imana, mu gihe yo yishwe n’inzara yo mu buryo bw’umwuka (Yes 65:13). Mu myaka ishize, umugabo witwaga Ray n’umugore we Linda bo muri Amerika biboneye ko ibyo ari ukuri. Bemera Imana kandi bifuzaga kuyimenya neza kurushaho. Ubwo rero biyemeje kujya bajya gusengera mu madini atandukanye yo mu mugi w’iwabo, bakagenzuramo ibintu bibiri, bakabona guhitamo idini bajyamo. icya mbere, barebaga niba hari inyigisho zifatika bigisha. icya kabiri, bagenzuraga niba abayoboke b’iryo dini bagaragara ko ari abantu bakorerwa Imana koko. Byabasabye imyaka myinshi kugira ngo baheture ayo madini yose, ariko ibyo bifuzaga ntibabibonye. Basanze ayo madini nta kintu gifatika yigisha kandi abayoboke bayo batubahisha Imana. Igihe bari bavuye gusengera mu idini rya nyuma mu yo bari barateganyije kugenzura, Linda yagiye ku kazi naho Ray arataha. Igihe Ray yari mu nzira ataha, yahagaze ku Nzu y’Ubwami, maze aratekereza ati: “Ariko uwakwinjiramo nkamenya ibyaho?” Biru-

8. Kuki ari iby’ingenzi ko abantu baza mu materaniro nibura inshuro imwe? Tanga urugero.

mvikana ko ibyo yabonye nta handi yari yarabibonye! Abantu bose bari ku Nzu y’Ubwami barangwaga n’urugwiro, bakundanyeye kandi bambaye neza. Ray yicaye imbere kandi ibyo yize byaramunyuze! Ibyamubayeho bitwibutsa ibyo intumwa Pawulo yavuze ku muntu uza mu materaniro ku nshuro ya mbere, maze akavuga ati: “Ni ukuri koko, Imana iri muri mwe” (1 Kor 14: 23-25). Nyuma yaho, Ray yakomeje kujya mu materaniro yo ku Cyumweru, ageze aho atangira no kujya mu yo mu mibyizi. Linda na we yatangiye kujya mu materaniro. Nubwo bombi bari bafite imyaka isaga 70, bemeye kwiga Bibiliya hanyuma barabatizwa.

IBIKOresho BIDUFASHA GUTANGIZA IBIGANIRO

⁹ **Inkuru z’Ubwami.** Dufite inkuru z’Ubwami umunani zidufasha gutangiza ibiganiro kandi kuzikoresha biroroshye. Kuva zasohokaga mu mwaka wa 2013, hamaze gucapwaga izisaga miriyari eshanu. Izo nkuru z’Ubwami ni nziza, kubera ko iyo umenye gukoresha imwe uba umenye kuzikoresha zose, kuko ziteye kimwe. Watangiza ibiganiro ute ukoresheje izo nkuru z’Ubwami?

¹⁰ Reka tuvuge ko wifuzaga gukoresha inkuru y’Ubwami ivuga ngo: “*Ubwami bw’Imana ni iki?*” Ushobora kwereka uwo ubwiriza ikibazo kiri ku ipaji ibanza, maze ukamubaza uti: “Ese wigeze wibaza icyo Ubwami bw’Imana ari cyo? Ese wavuga ko ari . . .” Hanyuma ukamubaza igisubizo yahitamo mu bisubizo bitatu bihari. Aho kumubwira ko yashubijye nabi cyangwa neza, urambura iyo nkuru y’Ubwami ukamwereka ahanditse ngo: “Icyo Bibiliya ibivugaho,” maze ukamusomera umurongo wo muri Daniyeli 2: 44 n’uwo muri Yesaya 9:6. Iyo bishoboka

9, 10. (a) Wakoresheje ute inkuru z’Ubwami uganira n’umuntu ku nshuro ya mbere? (b) Sobanura uko wakoresha inkuru y’Ubwami ivuga ngo: “*Ubwami bw’Imana ni iki?*”

mukomeza kuganira. Hanyuma umubaza ikibazo uzasubiza ugarutse kumusura kiri ahanditse ngo: “Bitekerezeho: Ubuzima buzaba bumeze bute igihe Ubwami bw’Imana buzaba butegeka?” Ibyo bizatuma ubona ibyo muzaheraho muganira ubutaha. Nujya kumusura, uzakoreshe isomero ry’agatabo *Ubutumwa bwiza buturuka ku Mana!* Ni kamwe mu bikoresho dukoresha dutangira kwigisha abantu Bibiliya.

IBIKORESHO BITUMA UMUNTU YIZERA BIBILIYA

11 Amagazeti. *Umunara w’Umurinzi* na *Nimukanguke!* ni byo binyamakuru bisohoka ari byinshi kandi bigahindurwa mu ndimi nyinshi ku isi. Kubera ko ayo magazeti asomwa n’abantu bo hirya no hino ku isi, ingingo zivugwamo ziba zigamije gushishikaza abantu bo mu duce dutandukanye. Twagombye kuyakoresha mu gihe twifuzaga gushishikariza umuntu kwita ku bintu by’ingenzi mu buzima. Ariko tugomba kumenya abo yagenewe kugira ngo tuyakoreshe neza.

12 Igazeti ya *Nimukanguke!* igenewe abantu bazi ibintu bike kuri Bibiliya cyangwa badafite icyo bayiziho na mba. Bashobora kuba batazi inyigisho za gikristo, baratakarije ikizere amadini cyangwa batazi ko Bibiliya ishobora kubagirira akamaro. Intego y’ibanze ya *Nimukanguke!* ni ukwemeza abayisoma ko Imana ibaho (Rom 1:20; Heb 11:6). Nanone igamije gufasha abayisoma kurushaho kwizera ko Bibiliya ‘ari ijamba ry’Imana koko’ (1 Tes 2:13). Ingingo z’ingenzi zivugwaga muri *Nimukanguke!* zo mu mwaka wa 2018 ni izi: “Uko wabona ibyishimo,” “Ibintu 12 byagufasha kugira umuryango mwiza” n’indi ivuga ngo: “Uko wabona ihumure mu gihe wafushije.”

11. Amagazeti yacu agamije iki? Ni iki dukwiriye kuyamenyaho?

12. (a) Igazeti ya *Nimukanguke!* igenewe banyamuramba, kandi se igamije iki? (b) Ni ibihe bintu byiza wazagize igihe wayitangaga?

13 *Umunara w’Umurinzi* ugenewe abantu bese, uhabwa abantu basanzwe bemera Imana kandi bafite icyo bazi kuri Bibiliya. Nubwo baba bayiziho gake, ntibabababanyukiye neza inyigisho zayo (Rom 10:2; 1 Tim 2:3, 4). Ingingo z’ingenzi zasohotse mu magazeti atatu y’*Umunara w’Umurinzi* wo mu mwaka wa 2018 zisubiza ibi bibazo: “Ese Bibiliya iracyafite akamaro?,” “Igihe kizaza kiduhishiyeye iki?,” n’ikindi kivugaga ngo: “Ese Imana ikwitaho?”

IBIKORESHO BISHISHIKARIZA ABANTU KWIGA BIBILIYA

14 Videwo. Umubajijwe mu gihe cya Yesu yabaga afite ibikoresho bikoreshwa n’intoki gusa. icyakora muri iki gihe ababajijwe bafite n’ibikoresho bikoreshwa n’umuriro, urugero nk’inkero, mutobozi, iranda, ibitera imisumari n’ibindi. Mu murimo wo kubwiriza dukora muri iki gihe, natwe dufite ibitabo bicapye, tukagira na videwo nziza cyane. Enye muri zo ni izi: “*Kuki ukwiriye kwiga Bibiliya?, Kwiga Bibiliya bikorwa bite?, Mu nzu y’Ubwami hakorerwa iki?*,” n’ivugaga ngo: “*Abahamya ba Yehova ni bantu ki?*” Videwo ngufi zitarengeje iminota ibiri, zidufasha cyane mu gihe tunganira n’umuntu ku nshuro ya mbere. Naho videwo ndende zishobora kudufasha mu gihe dusubiye gusura abantu bafite igihe gihagije no mu gihe tunganira na bo. Ibyo bikoresho byiza bishobora gutuma abantu bashishikazwa no kwiga Bibiliya kandi bakaza mu materaniro.

15 Urugero, igihe mushiki wacu yahuraga n’umugore wari waravuye muri Mikoroneziya wavugaga ururimi rw’Ikiyapu, yamweretse videwo ivugaga ngo: “*Kuki ukwiriye kwiga*

13. (a) *Umunara w’Umurinzi* ugenewe abantu bese, uhabwa ba nde? (b) Ni ibihe bintu byiza wazagize igihe wawutangaga?

14. (a) Videwo enye ziri mu Bikoresho Bidufasha Kwigisha zigamije iki? (b) Ni ibihe bintu byiza wazagize igihe wazerekanaga?

15. Tanga ingero zigaragaza ukuntu abantu bareba videwo mu ndimi zabo bibakora ku mutima.

Bibiliya?” mu rurimi rwe. Iyo videwo igitangira, uwo mugore yaravuze ati: “Ye-weee! Uzi ko uru ari ururimi rwange. Uyu muntu aravuga nk’uwo ku kirwa k’iwacu. Aravuga ururimi rwacu!” Nyuma yaho yavuze ko agiye gusoma ibintu byose byo mu rurimi rwe biri ku rubuga rwa jw.org, akanareba videwo zose ziriho. (Gereranya no mu Byakozwe 2:8, 11.) Reka dufate urundi rugero. Mushiki wacu wo muri Amerika yeretse umwisengeneza we uko yagera kuri iyo videwo tumaze kuvuga mu rurimi rwe. Amaze kuyireba, yaramwandikiye ati: “Nashishikajwe cyane n’ahantu havuga ko Satani ari we utegeka iyi si. Nahise nsaba kwiga Bibiliya.” Uwo mwisengeneza we aba mu gihugu umurimo wacu wabuzanyijwe!

IBIKORESHO BIDUFASHA KWIGISHA UKURI

16 Udatabo. Wakwigisha ute Bibiliya umuntu utazi gusoma neza, cyangwa udashobora kubona ibitabo by’imfashanyigisho za Bibiliya mu rurimi rwe? Agatabo gafite umutwe uvuga ngo: “**Tega Imana amatwi uzabeho iteka,**” gashobora kudufasha. Hari akandi gatabo keza cyane kadufasha gutangira kwigisha abantu Bibiliya, gafite umutwe uvuga ngo: “**Ubutumwa bwiza buturuka ku Mana.**” Ushobora kwerekana umuntu amasomo 14 ari ku ipaji ya nyuma, hanyuma ukamureka akihitiramo irimushishikaje kurusha ayandi. icyo gihe watangira kumwigisha iryo somo. Ese wigeze ukoresha ubwo buryo igihe wasubiraga gusura? Agatabo ka gatatu kadufasha kwigisha abantu ni akavuga ngo: “**Ni ba nde bakora ibyo Yehova ashaka muri iki gihe?**” Ako gatabo kadufasha gusobanurira abantu ibirebana n’umuryango wacu. Niba wifuzaga kumenya uko wagakoresha, reba

16. Sobanura icyo utu dutabo tugamije: (a) *Tega Imana amatwi uzabeho iteka.* (b) *Ubutumwa bwiza buturuka ku Mana.* (c) *Ni ba nde bakora ibyo Yehova ashaka muri iki gihe?*

Agatabo k’Iteraniro ry’Umurimo n’Imibereho ya Gikristo ko muri Werurwe 2017.

17 Ibitabo. Iyo watangiye kwigisha umuntu Bibiliya mukoresheje kamwe mu dutabo tumaze kuvuga, aho mwaba mugeze hose mushobora gukomereza mu gitabo **Ni iki Bibiliya itwigisha?** icyo gitabo kizatuma umuntu arushaho gusobanukirwa inyigisho z’ibanze zo muri Bibiliya. Nakirangiza afite amajyambere, azakomereza mu gitabo **Uko Waguma mu Rukundo rw’Imana.** icyo gitabo gifasha umuntu gukurikiza amahame ya Bibiliya mu mibereho ye. Zirikana ko n’iyo abigishwa ba Bibiliya baba baramaze kubatizwa, bakomeza kwiga ibyo bitabo byombi kugeza babirangije. Ibyo bizatuma bagira ukwizera gukomeye kandi bakomeze kubera Yehova indahemuka.—**Soma mu Bakolosayi 2:6, 7.**

18 Twebwe Abahamya ba Yehova twahawe ‘ubutumwa bwiza’ bw’ukuri buyobora ku buzima bw’iteka. (Kolo 1:5; **soma muri 1 Timoteyo 4:16.**) Kugira ngo dutangaze ubwo butumwa, twahawe Ibikoresho Bidufasha Kwigisha. (Reba agasanduku gafite umutwe uvuga ngo: “Ibikoresho Bidufasha Kwigisha.”) Tuge twihatira gukoresha neza ibyo bikoresho byose. Buri mubwiriza ashobora kwihitiramo igikoresho yakoresha abwiriza, akanihitiramo igihe agomba kugikoresha. icyakora, intego yacu si iyo gutanga ibitabo gusa. Ahubwo ni iyo guhindura abigishwa abantu b’imitima itaryarya, bicisha bugufi kandi bifuzaga kumenya Imana, mu yandi magambo “biteguye kwemera ukuri kuyobora ku buzima bw’iteka.”—Ibyak 13:48; Mat 28:19, 20.


17. (a) Ibitabo dukoresha twigisha abantu Bibiliya bigamije iki? (b) Abigishwa ba Bibiliya bese basabwa iki n’iyo baba baramaze kubatizwa? Kubera iki?

18. (a) Muri 1 Timoteyo 4:16 hadushishikariza gukora iki? Ibyo byatugirira akahe kamaro? (b) Mu gihe twihatira gukoresha neza Ibikoresho Bidufasha Kwigisha, ni iyihe ntego twagombye kuba dufite?



IBIKORESHO BIDUFASHA KWIGISHA

UDUKARITA TWA JW.ORG N'IMPAPURO Z'ITUMIRA



AMAGAZETI



INKURU Z'UBWAMI



VIDEO



UDUTABO N'IBITABO





Nafashe umwanzuro, Yehova ampa imigisha

BYAVUZWE NA CHARLES MOLOHAN

Hari mu mwaka wa 1939. icyo gihe twabyutse mu gicuku, dukora urugendo rw'isaha irenga twerekeza mu mugu muto wa Joplin, uri mu magepfo y'uburengerazuba bwa leta ya Misuri, muri Amerika. Umuseke wagiye gutambika twarangije gutanga inkuru z'Ubwami mu ngo zose zari mu ifasi twari twahawe. Twazinyuzaga munsu y'urugi. Tukimara kurangiza gutanga izo nkuru z'Ubwami, twahise tujya mu modoka twerekeza aho twagombaga gutegerereza abandi. Mushobora kwibaza impamvu twazindutse butaracya, tukajya kubwiriza, kandi tugahita tuva mu ifasi. Ndaza kubibabwira.

NSHIMISHWA cyane n'uko narezwe n'ababyeyi b'Abakristo. Papa witwaga Molohan Fred na mama witwaga Edna, bantowe gukunda Imana. Navutse mu mwaka wa 1934, bamaze imyaka 20 ari Abigishwa ba Bibiliya (cyangwa Abahamya ba Yehova) barangwa n'ishyamba. Twari dutuye mu mugu muto wa Parsons, uri mu magepfo y'uburazubura bwa leta ya Kansasi. Twataniraga mu itorero ryaho, kandi ryari rigizwe ahanini n'Abakristo basutsweho umwuka. Mu muryango wacu twajyaga mu materaniro buri gihe kandi tukigisha abandi Ijambo ry'Imana. Ku wa Gatandatu nyuma ya saa sita, akenshi twajyaga kubwiriza mu muhanda. Ni uko twabwirizaga mu ruhamwe. Rimwe na rimwe byabaga biteye ubute, ariko buri gihe papa yakoraga uko ashoboye kugira ngo bidushimije, twaba turangije kubwiriza akagira akantu atugurira.

Itorero ryacu ryari rito ariko rifite ifasi nini, irimo imigi mito myinshi, ikikijwe n'imirimu myi-

nshi. Iyo twabaga twabwirije abahinzi, akenshi twabahaga ibitabo, aho kuduha amafaranga bakaduha imboga, amagi cyangwa inkoko. Twabijyanaga mu rugo tukabirya, kuko papa yabaga yamaze gutanga amafaranga y'ibitabo.

UKO TWABWIRIZAGA

Ababyeyi bange bashatse icyuma gisohora amajwi, bakajya bagikoresha mu murimo wo kubwiriza. Nari muto cyane ku buryo ntashoboraga kugikoresha. Ariko nashimishwaga cyane no gufasha papa na mama, igihe babaga bumvisha disikuru z'Umuvandimwe Rutherford abo babaga basubiye gusura n'abo bigishaga Bibiliya.

Papa yashatse indangururamajwi nini ayishyira ku modoka yacu, maze tukajya tuyikoresha tubwiriza. Iyo modoka yadufashaga cyane mu murimo wo kubwiriza. Akenshi twabanzaga gucuranga umuzika kugira ngo abantu baze, hanyuma tukabumvisha disikuru zishingiye kuri Bibiliya. Iyo



Ndi kumwe na papa na mama imbere y'imodoka yacu yari iriho indangururamajwi



Twitegura gutanga ikiganiro kuri radiyo ya WBBR



Impapuro twatangaga dushishikariza abantu kumva radiyo ya WBBR

disikuru yarangiraga, twahaga ibitabo abantu bashimishijwe.

Igihe twari mu mugu muto wa Cherryvale, muri leta ya Kansasi, abaporisi babujije papa kwinjiza imodoka mu busitani rusange, kubera ko ku Cyumweru habaga hari abantu benshi baje kuharuhukira. Ariko bamwemereye kuyishyira inyuma y'ubusitani. Papa yahise akata imodoka, ayijyana ku muhanda wari uteganye n'ubwo busitani, ku buryo abantu bashoboraga kumva neza ubutumwa, maze akomeza kubwiriza. Kubwirizanya na papa na mukuru wange Jerry, buri gihe byaranshimishaga cyane.

Mu mpera y'imyaka ya 1930, habaye gahunda zihariye zo kubwiriza mu mafasi yarimo abantu baturwanyaga cyane. Twabyukaga mu gicuku (nk'uko twabigenje i Joplin, muri leta ya Misuri), tukagenda bucece mu ngo z'abantu, tukanyuza inkuru z'Ubwami cyangwa ibitabo muni y'inzugi. Hanyuma, twahuriraga hanze y'umugi kugira ngo turebe niba nta muntu abaporisi bafashe.

Hari ubundi buryo bushishikaje twakoragamo umurimo. Twambaraga ibyapa tukazenguruka mu mugu hose twamamaza Ubwami. Nibuka ko igihe kimwe inshuti zange zazengurutse umugi w'iwacu, zambaye ibyapa byanditseho ngo: "Idini ni umutego kandi rirariganya." Bakoze urugendo rurenga ikirometero n'igice, bagaruka iwacu. Igishimishije ni uko nta muntu wabahagaritse. Ahubwo abantu benshi bibazaga ibyabaye.

AMAKORANIRO YA MBERE

Inshuro nyinshi umuryango wacu wavaga muri leta ya Kansasi ukajya mu makoraniryo yaberaga

muri leta ya Tegizasi. Kubera ko Papa yakoraga mu isisiyete yatwaraga abagenzi muri gari ya moshi, twari twemerewe kuzigendamo ku buntu, twaba tugiye mu makoraniryo cyangwa tugiye gusura bene wacu. Marume witwaga Fred Wismar n'umugore we Eulalie bari batuye mu mugu wa Temple, muri Tegizasi. Fred yamenye ukuri akiri muto mu ntangiriro z'imyaka ya 1900, arabatizwa, kandi yabwirije bashiki be, harimo na mama. Abavandimwe bo muri Tegizasi bari bamuzi cyane, kuko yabasuraga ari umukozi wa zone (cyangwa umugenzuzi w'akarere). Yari umugwaneza, arangwa n'ibyishimo kandi abantu baramukundaga. Yarangwaga n'ishyaka kandi yambereye urugero rwiza nkiri muto.

Mu mwaka wa 1941, twagiye mu ikoraniryo rinini ryari ryabereye i St. Louis muri leta ya Misuri. Muri iryo koraniryo, abana bose basabwe kwicara imbere kugira ngo bumve disikuru y'Umuvandimwe Rutherford yari ifite umutwe uvuga ngo: "Abana b'Umwami." Disikuru irangiye, buri mwana yahawe impano idasanzwe y'igitabo gishya cyari kigenewe abana (*Enfants*). Ibyo bitabo byatanzwe n'Umuvandimwe Rutherford n'abandi bamufashaga. icyo gihe abana basaga 15.000, bahawe icyo gitabo.

Muri Mata 1943, twagiye mu ikoraniryo ryabereye i Coffeyville, muri leta ya Kansasi, ryari rifite umutwe uvuga ngo: "Twahamagariwe gukora." Muri iryo koraniryo, hatangajwe ko hashyizweho ishuri rishya, ni ukuvuga Ishuri ry'Umurimo wa Gitewokarasi, ryari kuzajya ribera mu matorero. Nanone hasohotse agatabo gashya karimo amasomo 52, kari kuzajya gakoreshwa muri iryo shuri. Mu mpera

z'uwo mwaka, natanze ikiganiro cya mbere muri iryo shuri. Iryo koraniro ryari ryihariye kuri nge, kubera ko ari bwo nabatijwe ndi kumwe n'abandi bake, tubatirizwa mu kidendezi cyari mu isambu yari hafi aho.

NIFUZAGA GUKORA KURI BETELI

Narangije amashuri yisumbuye mu mwaka wa 1951, kandi nagombaga guhitamo icyo nzakora mu buzima bwange. Nifuzaga cyane gukora kuri Beteli. Mukuru wange Jerry na we yari yarahakoze. Ubwo rero, nahise nuzuzwa fomu nyohereza kuri Beteli i Brooklyn. Uwo wari umwanzuro mwiza cyane kuko watumye nkorerwa Yehova mu buryo bwuzuye. Bidatinze, ku itariki ya 10 Werurwe 1952 natangiye gukora kuri Beteli.

Nari niteze ko nzakora mu icapiro, kugira ngo nge ngira uruhare mu gucapa amagazeti n'ibindi bitabo. Ariko nasabwe gukora mu cyumba cyo kuri-ramo, nyuma yaho nkora mu gikoni. Narahakunze cyane kandi nahigiye ibintu byinshi. Sinigeze nkora mu icapiro. Twasimburanaga ku kazi, bityo nkabona umwanya wo kujya mu isomero rya Beteli, nkiyigisha. Ibyo byamfashije kugira ukwizera gukomeye kandi ndushaho kugirana ubucuti na Yehova. Nanone byatumye ndushaho kwiyezwa gukorera Yehova kuri Beteli igihe kirekire gishoboka. Jerry yari yaravuye kuri Beteli mu mwaka wa 1949, ashakana na Patricia, ariko bari batuye i Brooklyn hafi ya Beteli. Mu gihe cyose nari nkiri mushya kuri Beteli, baramfashije kandi bantera inkunga.

Igihe nari maze igihe gito kuri Beteli, batangiye gushaka abavandimwe bazi kwigisha neza, kugira ngo babongere ku rutonde rw'abakozi ba Beteli baja gutanga disikuru mu matorero. Bajyaga mu matorero ari mu birometero 322 uturutse i Brooklyn, bagatanga disikuru mu itorero basuye kandi bakabwirizanya na ryo. Nange nashyizwe kuri urwo rutonde. Nubwo byanteye ubwoba, natangiye kujya njya gutanga disikuru, ikaba yaramaraga isaha. Akenshi nagendaga muri gari ya moshi. Nibuka urugendo nakoze mu mwaka wa 1954. Hari ku Cyumwe-ru nyuma ya saa sita, mu gihe cy'ubukonje. Nafashe

gari ya moshi nsubiye i New York, nkaba nari niteze ko ngera kuri Beteli nimugoroba. Haguye imvura y'amahindu irimo umuyaga ukonje cyane n'urubura, maze moteri za gari ya moshi zirazima. Twageze mu mugi wa New York ku wa Mbere, mu ma saa kumi n'imwe za mu gitondo. Nafashe indi gari ya moshi ica muni y'ubutaka ingeza i Brooklyn, mpita njya mu gikoni mu kazi. Nari nakerereweho gato kandi naniwe cyane kubera ko nari naraye ijoro ryose muri gari ya moshi na yo itameze neza. Ibyishimo nagiraga bitewe n'uko nabaga nafashije abavandimwe na bashiki bacu, byanyibagizaga ingorane zose nabaga nahuye na zo.

Nanone nkigera kuri Beteli, nagiraga uruhare mu biganiro byo kwigisha Bibiliya kuri radiyo ya WBBR. Iyo radiyo yakoreraga mu igorofa ya kabiri y'imwe mu nyubako za Beteli (124 Columbia Heights). Umuvandimwe A. H. Macmillan, wari umaze igihe kirekire akora kuri Beteli, buri gihe yazaga gutanga ibiganiro kuri iyo radiyo. Twakundaga kumwita Umuvandimwe Mac. Twe twari tukiri bato kuri Beteli yatubereye urugero rwiza, kubera ko yakomeje kuba indahemuka nubwo yahuye n'ingorane nyinshi.

Mu mwaka wa 1958 nahinduriwe imirimo, ntangira gukorana bya bugufi n'abanyeshuri babaga barangije Ishuri rya Gileyadi. Nabafashaga kubona impushya zibemerera kuba mu bihugu boherejwemo, nkanabafasha mu bijyanye n'ingendo zabo. Muri icyo gihe, ingendo zo mu ndege zarahendaga cyane. Ubwo rero, abanyeshuri bake cyane ni bo bagendaga n'indege. Abenshi mu boherezwaga muri Afurika no muri Aziya, bagendaga n'amato atwara imizigo. Nyuma yaho ibiciro by'indege bimaze kugabanuka, ni bwo abamisiyonari benshi batangiye kujya bagenda n'indege.

GUTEGURA INGENDO Z'ABAJYAGA MU MAKORANIRO

Mu mwaka wa 1960, nakodesheje indege zari kuvana abantu muri Amerika zikabajyana mu Burrayi mu makoraniro mpuzamahanga yabaye mu mwaka wa 1961. Nge nagiyeye mu ikoraniro ryabereye i Hamburg, mu Budage. Nyuma y'iryo koraniro,



Turi kumwe na Patricia na Jerry Molohan tugiyeye mu ikoraniro ryabaye mu mwaka wa 1969, ryari rifite umutwe uvuga ngo: “Amahoro ku isi”



Ntegura impamyabumenyi zari guhabwa abanyeshuri barangije Ishuri rya Gileyadi

nge n’abandi bavandimwe batatu bakoraga kuri Beteli, twakodesheje imodoka maze tujya mu Butaliyani gusura ibiro by’ishami by’i Roma. Tuvuye mu Butaliyani, twagiye mu Bufaransa, hanyuma tunyura mu Misozi ya Pyrénées tujya muri Esipanye, aho umurimo wacu wari warabuzanyijwe. Twahaye abavandimwe bacu b’i Barcelone bimwe mu bitabo by’imfashanyigisho za Bibiliya twari twapfuyitse neza, kugira ngo abantu bagire ngo ni impamo tubazaniye. Kubonana na bo byaradushimishije cyane! Twavuye aho, twerekeza mu mugwi wa Amsterdam, dufata indege idusubiza i New York.

Nyuma y’umwaka, nahawe inshingano yo gutegura ingendo z’abari kujya mu makoraniro mpuzamahanga yari kubera hirya no hino ku isi. Yari afite umutwe uvuga ngo: “Ubutumwa Bwiza bw’Iteka Ryose,” akaba yarabaye mu mwaka wa 1963. Byari biteganyijwe ko abavandimwe na bashiki bacu 583 bari buge muri iryo koraniro. Bari kujya mu Burayi, muri Aziya no muri Pasifika y’Epfo, hanyuma bakajya i Honolulu, muri Hawayi n’i Pasadena muri leta ya Kaliforniya. Nanone bari kujya gusura Libani na Yorudaniya, ibihugu bivugwa muri Bibiliya. Urwego rw’imirimo nakoragamo rwabashakiye amatike, rubashakira n’amahoteri yo gucumbikamo kandi rubafasha kubona n’ibindi byangombwa byari kubafasha kugera muri ibyo bihugu byose.

MBONA UNDI MUNTU DUFATANYA URUGENDO

Hari indi mpamvu yihariye yatumye umwaka wa 1963 umbera umwaka ntazibagirwa. Ku itariki ya 29 Kamena, nashyingiranywe na Lila Rogers

wo muri leta ya Misuri, akaba yari amaze imyaka itatu kuri Beteli. Tumaze icyumweru dushyingiranywe, twajyanye n’abandi muri ya makoraniro mpuzamahanga yabereye hirya no hino ku isi, maze tugera mu Bugiriki, mu Misiri no muri Libani. Tugeze muri Libani twafashe indege tuva i Beirut tujya muri Yorudaniya. Kubera ko umurimo wacu wari ubuzanyijwe muri icyo gihugu kandi Abahamya ba Yehova bakaba bataremewe kugera, twibazaga uko biri butugendekere. Ariko tugeze ku kibuga k’indege, twatunguwe no kubona itsinda ry’abavandimwe na bashiki bacu bafite icyapa cyanditseho ngo: “Abahamya ba Yehova, muhawe ikaze!” Gusura ibihugu bivugwa muri Bibiliya byaradushimishije cyane! Twageze mu turere Aburahamu, Isaka na Yakobo babayemo, tugera aho Yesu n’abigishwa be babwirizaga, n’aho Ubukristo bwatangiriye, maze bugakwira hose “kugeza ku mpera y’isi.”—Ibyak 13:47.

Lila amaze imyaka 55 anshyigikira mu budahe-muka mu nshingano zange zose. Twasuye kenshi Esipanye na Porutugali igihe umurimo wari ubuzanyijwe muri ibyo bihugu. Twateraga inkunga abavandimwe na bashiki bacu baho kandi tukabashyira ibitabo by’imfashanyigisho za Bibiliya n’ibindi bintu babaga bakeneye. Twanasuye bamwe mu bavandimwe bari bafungiyeye muri gereza ya gisirikare ya kera y’i Cádiz, muri Esipanye. Nashimishijwe cyane no kubaha disikuru yo kubakomeza.

Kuva mu mwaka wa 1963, nagize uruhare mu gutegura ingendo zo kujya mu makoraniro mpuzamahanga yabereye muri Afurika, Ositaraliya, Ame-

rika y’Epfo n’iyo Hagati, mu Burayi, muri Aziya, Hawayi, Nouvelle-Zélande no muri Poruto Riko. Nge na Lila twagiye mu makoraniro menshi atazibagirana, harimo n’iryabereye i Varsovie muri Polonye, mu mwaka wa 1989. Abavandimwe na bashiki bacu benshi bo mu Burusiya bari muri iryo koraniro rinini, kandi ni ryo rya mbere bari bagiye. Abavandimwe na bashiki bacu benshi bari barijemo bari baramaze imyaka myinshi bafungiyemo muri Leta Zunze Ubumwe z’Abasoviyeti bazira ukwizera kwabo.

Gusura ibiro by’amashami hirya no hino ku isi, ngatera inkunga abagize umuryango wa Beteli n’abamisiyonari, byaranshimishaga cyane. Ibiro by’ishami bya nyuma twasuye byo muri Koreya y’Epfo, twabonye n’abavandimwe 50 mu bari bafungiyemo muri gereza y’i Suwon. Abo bavandimwe bose barangwaga n’ikizere kandi bari bizeye ko bazongera bagakorera Yehova mu mudendezo. Guhura na bo byaduteye inkunga cyane!—Rom 1:11, 12.

NSHIMISHWA NO KUBONA UKWIYONGERA KWABAYE

Niboneye ukuntu Yehova yahaye umugisha abagaragu be mu gihe k’imyaka myinshi. Igihe nabatizwaga mu mwaka wa 1943, hari ababwiriza nk’ibihumbi ijana. Ariko ubu hari ababwiriza barenga miriyoni umunani bakorera Yehova mu bihugu 240. Ibyo ahanini byatewe n’umurimo wo kubwiriza wakozwe n’abanyeshuri bize Ishuri rya Gileyadi. Kumara imyaka myinshi nkorana mu buryo bwa bugufi na benshi muri bo, kandi nkabafasha kugera mu mafasi yabo, byaranshimishije cyane!

Nishimira ko igihe nari nkiri muto nafashe umwanzuro wo kwagura umurimo maze ngasaba gukora kuri Beteli. Muri iyo myaka yose Yehova yampaye imigisha myinshi. Nge na Lila twishimira cyane ko dukora kuri Beteli, tukanashimishwa n’uko twamaze imyaka isaga 50 tubwirizanya n’amatorero y’i Brooklyn, tukaba tuyafitemo inshuti nyinshi z’inkoramutima.

Lila akomeza kunshyigikira buri muni mu murimo nkora kuri Beteli. Nubwo ubu mfite imyaka irenga 84, nishimira ko ngishobora kugira icyo

nkora, nkaba mfasha mu bijyanye no gusubiza amaburuwa yohererezwa ibiro by’ishami.

Kuba mu muryango uhebuje wa Yehova, no kwibonera ko abantu bamukorera batandukanye cyane n’abatamukorera, biranshimisha cyane. Twarushijeho gusobanukirwa amagambo yo muri Malaki 3:18, agira ati: “Muzongera kubona itandukanirwo hagati y’umukiranutsi n’umunyabyaha, hagati y’ukorera Imana n’utayikorera.” Buri muni, twibonera ukuntu isi ya Satani igenda irushaho kuba mbi, ikaba irimo abantu batagira ibyiringiro n’ibyishimo. Ariko abakunda Yehova kandi bakamukorera, bo bahora bishimye nubwo turi mu bihe bigoye, kandi bafite ibyiringiro by’igihe kizaza. Kubwiriza ubutumwa bwiza bw’Ubwami ni inshingano itagereranywa (Mat 24:14)! Dutegerezanyije amatsiko umunsi wegereje cyane, igihe Ubwami bw’Imana buzarimbura iyi si ishaje, bukazana isi nshya, izaba irimo imigisha yose twasezeranyijwe, hakubiyemo ubuzima buzira umuze kandi buhoraho. icyo gihe, abagaragu ba Yehova bazishimira kuba ku isi iteka ryose.



Nge na Lila muri iki gihe



Twiringire Umuyobozi wacu Kristo

‘Umuyobozi wanyu ni umwe, ni Kristo.’—MAT 23:10.

INDIRIMBO: 16, 14

ESE URIBUKA?

Ni mu buhe buryo Imana yayoboraga ubwoko bwayo mu gihe cya Yosuwu?

Uko Kristo yayoboraga itorerero ryo mu kinyejana cya mbere bitwigisha iki?

Kuki dukwiriye kwemera uko Kristo atuyobora muri iki gihe?

AMAGAMBO Yehova yabwiye Yosuwu, ntiyari kuzigera ayibagirwa. Yaramubwiye ati: “Mose umugaragu wanjye yapfuye. None haguruka wambuke Yorodani iyi, wowe n’aba bantu bose, mujye mu gihugu ngiye guha Abisirayeli” (Yos 1:1, 2). Hari ikintu gikomeye cyari gihindutse mu buzima bwa Yosuwu, wari umaze imyaka igera kuri 40 afasha Mose.

² Kubera ko Mose yari amaze igihe kirekire ayobora Abisirayeli, Yosuwu ashobora kuba yaribazaga niba bari kwemera ko ababera umuyobozi (Guteg 34:8, 10-12). Hari igitabo cyasobanuye amagambo yo muri Yosuwu 1:1, 2, kigira kiti: “Haba mu gihe cya kera ndetse no muri iki gihe, inzibacyuho ni cyo gihe kirangwa n’umutekano muke kuruta ikindi gihe cyose.”

³ Yosuwu yari afite impamvu zumvikana zo guhangayika. Ariko yiringiye Yehova, ahita akurikiza amabwiriza yamuhaye (Yos 1:9-11). Nk’uko Bibiliya ibigaragaza, Yehova yayoboraga Yosuwu

1, 2. Ni izihe ngorane Yosuwu yahuye na zo Mose amaze gupfa?

3, 4. Ni iki kigaragaza ko Yosuwu yiringiye Imana? Ni ikihe kibazo dushobora kwibaza?

n'Abisirayeli akoresheje umumarayika. Uwo mumarayika ashobora kuba ari Jambo, ni ukuvuga Umwana w'imfura w'Imana.—Kuva 23:20-23; Yoh 1:1.

⁴ Yehova yafashije Abisirayeli basohoka muri icyo nzibacyuho, bemera kuyoborwa na Yosua wasimbuye Mose. Muri iki gihe na bwo mu muryango wa Yehova hagenda hahinduka ibintu byinshi. Bityo dushobora kwibaza tuti: “Ese dukwiriye kwiringira Umuyobozi twahawe, ari we Yesu?” **(Soma muri Matayo 23:10.)** Kugira ngo dusubize icyo kibazo, reka dusuzume uko Yehova yayoboraga abagize ubwoko bwe, igihe ibintu byabaga bihindutse.

YAYOBOYE ABARI BAGIZE UBWOKO BW'IMANA ABAGEZA I KANANI

⁵ Abisirayeli bamaze kwambuka Yorodani, Yosua yabonye umuntu udasanze. Igihe yari hafi kugera i Yeriko, yahuye n'umugabo wari wakuye inkota. Yosua yaramubajije ati: “Uri kumwe natwe cyangwa uri kumwe n'abanzi bacu?” Yosua yaratanze igihe uwo musirikare yamwibwiraga. Uwo mugabo yari “umugaba w'ingabo za Yehova,” wari witeguye kurwanirira ubwoko bw'Imana. **(Soma muri Yosua 5:13-15.)** Nubwo ahandi muri Bibiliya hagaragaza ko ari Yehova wivuganiraga na Yosua, nta gushidikanya ko yamuvugishije akoresheje umumarayika, nk'uko yagiye abikora kenshi.—Kuva 3:2-4; Yos 4:1, 15; 5:2, 9; Ibyak 7:38; Gal 3:19.

⁶ Uwo mumarayika yahaye Yosua amabwiriza asobanutse neza y'ukuntu yari kuzigarurira umugi wa Yeriko. Amwe muri yo, ushobora gutekereza ko nta cyo yari

5. Igihe Yosua yari hafi y'i Yeriko, byagenze bite? (Reba ifoto ibimburira iki gice.)

6-8. (a) Kuki amwe mu mabwiriza Yehova yatanze yasaga n'aho adashyize mu gaciro? (b) Ni iki kigaragaza ko ayo mabwiriza yari akwiriye kandi ko yatangiye igihe? (Reba ibisobanuro ahagana hasi ku ipaji.)

kubagezaho. Urugero, Yehova yategetse ko abagabo bose bakebwa, ibyo bikaba byari gutuma bamara iminsi runaka badashobora kujya ku rugamba. Ese koko icyo ni cyo cyari igihe gikwiriye cyo gukeba abagabo bose?—Intang 34:24, 25; Yos 5:2, 8.

⁷ Abasirikare b'Abisirayeli bari bamaze gukebwa, bashobora kuba baribazaga uko bari kurengera imiryango yabo, igihe abanzi babo bari kuba babagabyeho igitero. Ariko mu buryo butunguranye, bumvise amakuru avuga ko Yeriko “yari ikinze, idanangiye, bitewe n'Abisirayeli” (Yos 6:1). Ayo makuru agomba kuba yaratumye barushaho kwiringira ko Imana yaboyoboraga.

⁸ Nanone, Abisirayeli babwiwe ko batagomba gutera umugi wa Yeriko, ahubwo ko bagombaga kujya bawuzenguruka inshuro imwe ku muni mu gihe k'iminsi itandatu, ku muni wa karindwi bakawuzenguruka inshuro ndwi. Hari abasirikare bashobora kuba baribazaga bati: “Ese ibi si ukudutesha igihe n'imbaraga?” Ariko uwayoboraga Abisirayeli atagaragara, yari azi neza icyo yari agiye gukora. Ibyo Abisirayeli basabwe gukora byakomeje ukwizera kwabo kandi bibarinda guhangana n'ingabo z'i Yeriko zari zikomeye.—Yos 6:2-5; Heb 11:30.*

⁹ Iyo nkuru itwigisha iki? Hari igihe umuryango wa Yehova ujya uhindura ibintu, kandi si ko buri gihe duhita dusobanukirwa impamvu. Urugero, dushobora

* Abashakashatsi bavumbuye ibinyampeke byinshi mu matongo y'i Yeriko. Ibyo bigaragaza ko uwo mugabo utagoswe igihe kirekire, kandi ko wari ukirimo ibiribwa byinshi. Kubera ko Abisirayeli batari bemereye gusahura umugi wa Yeriko, bawuteye mu gihe kiza kuko hari mu gihe k'isarura, imirima ikaba yari imyaka myinshi.—Yos 5:10-12.

9. Kuki twagombye kumvira amabwiriza duhabwa n'umuryango wa Yehova? Tanga urugero.

kuba tutarakiriye neza amabwiriza twahawe arebana no gukoresha ibikoresho bya eregitoroniki mu gihe twiyigisha, mu murimo wo kubwiriza no mu materaniro. Ariko ubu twiboneye akamaro kabyo. Iyo twiboneye ibyiza byabyo, nubwo mbere twaba tutarabyumvaga neza, turushaho kugira ukwizera kandi tukunga ubumwe.

UKO KRISTO YAYOBORAGA ITORERO MU KINYEJANA CYA MBERE

¹⁰ Nyuma y’imyaka 13 Koruneliyo wari Umunyamahanga abaye Umukristo, hari Abayahudi bari bagihatira abantu gukebwa (Ibyak 15:1, 2). Igihe abavandimwe bo mu mugi wa Antiyokiya bajyaga impaka kuri icyo kibazo, bohereje Pawulo i Yerusalemu kugira ngo agishyikirize inteko nyobozi. Ni nde watumye yoherezwayo? Pawulo yaravuze ati: “Nagiyeyo bitewe n’ibyo nahishuriwe.” Uko bigaragara, Kristo ni we watumye inteko nyobozi ikemura icyo kibazo.—Gal 2:1-3.

10. Ni nde mu by’ukuri wayoboye inteko nyobozi y’i Yerusalemu, igihe yafataga umwanzuro ku birebana no gukebwa?

¹¹ Inteko nyobozi iyobowe na Kristo, yagaragaje neza ko bitari ngombwa ko Abakristo batari Abayahudi bakebwa (Ibyak 15:19, 20). Ariko nyuma y’imyaka myinshi uwo mwanzuro ufashwe, Abakristo b’Abayahudi benshi bari bagikomeje gukeba abana babo. Igihe abasaza b’i Yerusalemu bumvaga ibihuha byavugaga ko Pawulo atubahirizaga Amategeko ya Mose, bamuhaye amabwiriza adasanzwe* (Ibyak 21:20-26). Bamusabye kujyana n’abagabo bane mu rusengero, kugira ngo abantu bamenye ko Pawulo ‘yubahirizaga Amategeko.’ Pawulo yashoboraga gushidikanya, yibaza niba ibyo bamubwiye gukora bihuje n’ubwenge, wenda agatekereza ko Abakristo b’Abayahudi batari basobanukiwe neza

* Reba agasanduku gafite umutwe uvuga ngo: “Pawulo yubahirije ibyo bamusabaga yicishije bugufi,” mu *Munara w’Umurinzi* wo ku itariki ya 15 Werurwe 2003, ku ipaji ya 24.

11. (a) Ni mu buhe buryo ikibazo cyo gukebwa cyakomeje guteza impaka mu Bakristo b’Abayahudi? (b) Pawulo yagaragaje ate ko ashyigikiye abasaza b’i Yerusalemu? (Reba nanone ibisobanuro ahagana hasi ku ipaji.)

Byarigaragazaga ko Kristo ari we wayoboraga itorero mu kinyejana cya mbere
(Reba paragarafu ya 10 n’iya 11)



ibirebana no gukebwa, ari bo bari bafite ikibazo. Ariko Pawulo yicishije bugufi, ashyingikira ikifuzo cy’abo basaza kugira ngo Abakristo bakomeze kunga ubumwe, maze yumvira amabwiriza bari bamuhaye. icyakora dushobora kwibaza tuti: “Kuki Yesu yemeye ko hashira igihe kirekire icyo kibazo kidakemuwe, kandi urupfu rwe rwari rwaravanyeho Amategeko ya Mose?”—Kolo 2:13, 14.

¹² Kugira ngo abantu bamwe bahindure uko bumva ibintu, bisaba igihe. Bamwe mu Bakristo b’Abayahudi na bo byabababaye igihe kirekire kugira ngo bahindure imitekerereze yabo (Yoh 16:12). Hari abo byagoye kwemera ko gukebwa bitari bikigaragaza ko umuntu afitanye imishyikirano yihariye n’Imana (Intang 17:9-12). Abandi bo batinyaga ibitotezo, bigatuma banga gukora ibinyuranye n’ibyo bagenzi babo b’Abayahudi bakoraga (Gal 6:12). icyakora nyuma yaho, Kristo yatanze andi mabwiriza binyuze ku nzandiko zahumetswe zanditswe na Pawulo.—Rom 2:28, 29; Gal 3:23-25.

KRISTO ARACYAYOBORA ITORERO RYE

¹³ Mu gihe tudasobanukiwe neza impamvu umuryango wacu wahinduye ibintu runaka, byaba byiza dutekereje uko Kristo yayoboraga itorero mu gihe cyahise. Haba mu gihe cya Yosuwu no mu kinyejana cya mbere, Kristo yagiye atanga amabwiriza ahuje n’ubwenge, kugira ngo arinde abagize ubwoko bw’Imana mu rwego rw’itsinda, kandi abafashe kugira ukwizera gukomeye no kunga ubumwe.—Heb 13:8.

¹⁴ Ikigaragaza ko muri iki gihe Yesu

12. Ni iki gishobora kuba cyaratumye Kristo adahita akemura ikibazo cyo gukebwa?

13. Ni iki cyadufasha kwishimira uko Kristo atuyobora muri iki gihe?

14-16. Ni mu buhe buryo amabwiriza atangwa n’umugaragu wizerwa kandi w’umunyabwenge’ agaragaza ko Kristo atwitaho?

atwitaho mu buryo bujwe urukundo, ni uko akoresha ‘umugaragu wizerwa kandi w’umunyabwenge,’ akaduha amabwiriza dukeneye, mu gihe gikwiriye (Mat 24:45). Marc ufite abana bane agira ati: “Satani agaba ibitero ku miryango kugira ngo age- rageze guca intege amatorero. Abatware b’imiryango baterwa inkunga yo kuyobora gahunda y’iby’umwuka mu muryango buri cyumweru. Impamvu yabyo irumvikana neza: ni ukugira ngo barinde imiryango yabo!”

¹⁵ Iyo turebye ukuntu Kristo atuyobora, tubona ko ashishikajwe n’uko twakomeza kugira ukwizera gukomeye. Umusaza w’itorero witwa Patrick yaravuze ati: “Tugitangira kujya duteranira mu matsinda y’umurimo wo kubwiriza mu mpera z’icyumweru, hari abo byaciye intege. Ariko iyo gahunda igaragaza ko Yesu yita ku bagize itorero bese. Abavandimwe na bashiki bacu batagiraga ishyamba mu murimo, baje kubona ko ari ab’agaciro kandi ko bafite akamaro, maze bituma barushaho kugira ishyamba.”

¹⁶ Nanone Kristo adufasha kwibanda ku murimo w’ingenzi ukorwa ku isi muri iki gihe. **(Soma muri Mariko 13:10.)** André uherutse kuba umusaza w’itorero, buri gihe yubahiriza amabwiriza mashya atangwa n’umuryango wa Yehova. Agira ati: “Kuba abakoraga ku biro by’ishami baragabanyijwe, byanyibukije ko ibintu byihutirwa, bityo tukaba tugomba kwibanda ku murimo wo kubwiriza.”

TWAGARAGAZA DUTE KO KRISTO ATUYOBORA?

¹⁷ Amabwiriza duhabwa na Yesu Kristo, Umwami uri ku ngoma, adufasha muri iki gihe kandi azadufasha mu gihe kizaza. Bityo rero, tuge twishimira ibyiza tugeraho

17, 18. Kuki tugomba kuzirikana ibyiza tubona bitewe n’amabwiriza mashya umuryango uba washyizeho?

bitewe no kwemera ibintu biba byahindutse. Muri gahunda y'iby'umwuka mu murango mushobora kuja muganira ku bintu byahindutse ku birebana na gahunda y'amateraniro n'umurimo wo kubwiriza, bikaba byarabafashije.

¹⁸ Iyo tuzirikanye ko kumvira amabwiriza duhabwa n'umuryango wa Yehova bidufitiye akamaro, tuyakurikiza twishimye. Urugero, twishimiye ko kugabanya ibitabo bicapye byatumye tuzigama amafaranga menshi, kandi gukoresha ikoranabuhanga rigezweho byatumye ubutumwa bwiza burushaho gukwirakwira ku isi. Bityo rero, tuge twihatira gukoresha ibisohoka ku rubuga rwacu, harimo ibitabo, videwo n'ibyafashwe amajwi. Ibyo bizagaragaza ko dushyigikiye Kristo, we wifuzaga ko umutungo w'umuryango wakoreshwa neza.

¹⁹ Iyo twihatiriyemo kumvira amabwiriza Kristo atanga, dufasha abandi kugira ukwizera gukomeye kandi tukunga ubumwe. André yavuze uko yakiriye ibirebana no kugabanya abagize umuryango wa Beteli hirya no hino ku isi agira ati: “Ukuntu

19. Kuki tugomba kumvira amabwiriza Kristo atanga?

abahoze bakora kuri Beteli babyakiriye neza, byatumye ndushaho kububaha no kwiringira ubuyobozi bwa Kristo. Bishimira inshingano nshya bahawe, bigatuma bakomeza kugendana n'igare rya Yehova.”

TUGIRE UKWIZERA, TWIRINGIRE UMUYOBOZI WACU

²⁰ Vuba aha, Umuyobozi wacu Yesu Kristo ‘azanesha burundu’ kandi ‘akore ibintu biteye ubwoba’ (Ibyah 6:2; Zab 45:4). Muri iki gihe, arimo arategurira abagaragu be kuzaba mu isi nshya, ubwo twese tuzaba dukora umurimo wagutse wo kwigisha abazaba bazutse n'uwo guhindura isi paradizo.

²¹ Nitwiringira Umwami wacu, uko byaba bimeze kose, azatuyobora atugeze mu isi nshya. **(Soma muri Zaburi ya 46:1-3.)** Hari igihe kwakira ibintu byahindutse bitugora, cyanecyane mu gihe bigira ingaruka ku mibereho yacu. None se twakora iki ngo dukomeze kugira amahoro yo mu mutima, kandi turusheho kwizera Yehova? icyo kibazo kizasubizwa mu gice gikurikira.

20, 21. (a) Kuki dushobora kwiringira Umuyobozi wacu ari we Kristo? (b) Ni ikihe kibazo tuzasuzuma mu gice gikurikira?

Ese ufasha umuryango wawe n'abandi gukomeza kugendana n'umuryango wa Yehova?
(Reba paragarafu ya 17 n'ya 18)





Komeza kugira amahoro yo mu mutima mu gihe ibintu bihindutse

“Nahumuriye ubugingo bwanjye buratuza.” –ZAB 131:2.

IGIHE Lloyd n’umugore we Alexandra bari bamaze imyaka isaga 25 kuri Beteli, bahinduriwe inshingano, bava kuri Beteli. Byabanje kubababaza cyane. Lloyd agira ati: “Numvaga kuri Beteli ari nk’iwange kandi nari maze kumenyera imirimo nakoraga. Numvaga ibyakozwe byari bikwiriye, ariko inshuro nyinshi nkumva nta gaciro mfite.” Igihe kimwe Lloyd yumvaga yabyakiriye, ubundi akumva yacitse intege.

² Iyo tugezweho n’ibintu tutari twiteze, hari igihe twumva duhungabanye kandi tukiheba (Imig 12:25). Hari nubwo kubyakira bitugora. Mu gihe ibyo bitubayeho, ‘twahumuriza’ dute ubugingo bwacu kugira ngo ‘butuze’? **(Soma muri Zaburi ya 131:1-3.)** Reka dusuzume uko bamwe mu bagaragu ba Yehova bavugwa muri Bibiliya n’abo muri iki gihe bakomeje kugira amahoro yo mu mutima, igihe ibintu byahindukaga.

1, 2. (a) Ni mu buhe buryo iyo hagize ibihinduka tutari tubyiteze, bitugiraho ingaruka? (Reba ifoto ibimburira iki gice.) (b) Dukurikije ibivugwa muri Zaburi ya 131, ni iki cyadufasha gukomeza kugira amahoro yo mu mutima?

INDIRIMBO: 128, 129

ESE URIBUKA?

Mu gihe ibintu bihindutse, “amahoro y’Imana” adufasha ate?

Twakwigana dute urugero rwa Yozefu mu gihe tugezweho n’ibintu tutari twiteze?

Ni irihe somo ry’ingenzi twavana kuri Filipo wari umubwirizabutumwa?

UKO “AMAHORO Y’IMANA” ADUFASHA

³ Yozefu yari mu kigero k’imyaka 17 igihe abavandimwe be bamugiriraga ishyari, bakamugurisha ngo age kuba umucakara. Ubusanzwe yari umwana se yatoneshaga (Intang 37:2-4, 23-28). Yabaye umucakara muri Egiputa kandi arafungwa. Ibyo byose byamaze imyaka nka 13, kandi yari kure ya se wamukundaga cyane, ari we Yakobo. Ni iki cyamufashije kutiheba ngo abe umurakare?

⁴ Igihe Yozefu yari mu nzu y’imbohe, agomba kuba yaratekerezaga ku bintu byamwemeze ko Yehova yamuhaga imigisha (Intang 39:21; Zab 105:17-19). Nanone inzozo z’ubuhanuzi yari yararose akiri muti, zigomba kuba zaramwitezaga ko Yehova amwemera (Intang 37:5-11). Uko bigaragara yakundaga gusenga, akabwira Yehova agahinda ke (Zab 145:18). Yehova yashubije amasengesho ye, amwizeza ko yari kubana na we mu bibazo bye.—Ibyak 7: 9, 10.*

⁵ Uko ibibazo twahura na byo muri iki gihe byaba biri kose, “amahoro y’Imana” ashobora kurinda ubushobozi bwacu bwo gutekereza, maze tugatuzza. **(Soma mu Bafilipi 4:6, 7.)** Bityo rero, mu gihe twumva twihebye, amahoro y’Imana ashobora gutuma dutuzza, tugakomeza gukorera Yehova nta gucogora. Reka dusuzume ingero z’abantu bo muri iki gihe babyiboneye.

* Nyuma y’imyaka runaka Yozefu avuye mu nzu y’imbohe, yabyaye umwana w’umuhungu w’imfura amwita Manase, kuko yavugaga ati: “Imana yanyibagije ibyago byanyije byose.” Uko bigaragara yari asobanukiwe ko iyo ari impano Yehova amuhaye ngo imuhumurize.—Intang 41:51.

3. Ni mu buhe buryo imibereho ya Yozefu yahindutse mu buryo butunguranyeho?

4. (a) Ni ibiki Yozefu yatekerezagaho igihe yari mu nzu y’imbohe? (b) Yehova yashubije ate amasengesho ya Yozefu?

5. Ni mu buhe buryo “amahoro y’Imana” atuma dukomeza gukorera Yehova?

JYA USABA YEHOVA AGUFASHE KONGERA KUGIRA AMAHORO YO MU MUTIMA

⁶ Igihe Ryan n’umugore we Juliette babwirwaga ko igihe cyabo cyo kuba abapayiniya ba bwite b’igihe gito kirangiye, bumvise bacitse intege. Ryan yaravuze ati: “Twahise tubibwira Yehova mu isengesho tudaciye ku ruhande. Twari tuzi neza ko tubonye uburyo bwo kugaragaza ko tumwiririra. Abenshi mu itorero ryacu bari bakiri bashya mu kuri. Ubwo rero twasenze Yehova tumusaba ko yadufasha kubabera urugero rwiza mu birebana no kugaragaza ukwizera.”

⁷ Yehova yashubije ate isengesho ryabo? Ryan agira ati: “Tukimara gusenga, ibitekerezo bibi n’imihangayiko twari dufite byahise bigenda. Amahoro y’Imana yarizye imitima yacu n’ubushobozi bwacu bwo kwiyumvisha ibintu. Twabonye ko dushobora gukomeza gukorera Yehova ari uko dufite imitekerereze ikwiriye.”

⁸ Umwuka w’Imana ushobora gutuma dutuzza, kandi ukatwibutsa imirongo yo muri Bibiliya yadufasha kumenya ibintu by’ingenzi mu buzima. **(Soma muri Yohana 14:26, 27.)** Reka dusuzume ibyabaye kuri Philip n’umugore we Mary, bakoze kuri Beteli imyaka igera hafi kuri 25. Mu mezi ane bavuye kuri Beteli, bombi bapfushije ba nyina, Philip apfusha undi mwene wabo, kandi batangira kwita kuri se wa Mary ufite uburwayi bwo mu mutwe.

⁹ Philip agira ati: “Nibwiraga ko nari nshoboye kubyihanganira, ariko hari icyo naburaga. Nasomye *Umunara w’Umurinzi* wo kwigwa, mbonamo umurongo

6, 7. Ni mu buhe buryo amasengesho agusha ku ngingo adufasha kubona amahoro yo mu mutima? Tanga urugero.

8-10. (a) Umwuka w’Imana udufasha ute guhangana n’imihangayiko? (b) Ni mu buhe buryo Yehova aduha imigisha iyo dushyize imbere umurimo we?

wo mu Bakolosayi 1:11. Ni byo koko narihangana, ariko sinihangana mu buryo bwuzuye. Nagombaga ‘kwihangana mu buryo bwuzuye kandi nkihanganira ingorane zose mfite ibyishimo.’ Uwo muringo wanyibukije ko ibyishimo bitagomba gushingira ku mimerere ndimo, ahubwo ko byagombye guturuka ku mwuka w’Imana.”

¹⁰ Kubera ko Philip na Mary bashyize imbere umurimo bakorera Yehova, yababaye imigisha myinshi. Bamaze kuva kuri Beteli, babonye abantu bigishaga Bibiliya inshuro zirenze imwe mu cyumweru. Iyo Mary ashubije amaso inyuma agira ati: “Abo bantu baradushimishaga kandi tukabona ko ari uburyo Yehova akoresha kugira ngo atwereke ko nta cyo tuzaba.”

JYA UGIRA ICYO UKORA KUGIRA NGO YEHOVA AGUHE IMIGISHA

¹¹ Iyo hagize igihinduka mu mibereho yacu mu buryo butunguranye, dushobora guhangayika cyane ku buryo nta kindi dutekereza uretse ibibazo dufite. Ibyo byashoboraga kuba kuri Yozefu. Aho guheranwa n’imihangayiko, yiyemeje gukora ibyo yari ashoboye byose maze Yehova amuha imigisha. Nubwo yari mu nzu y’imbohe, yihatiraga gukora neza akazi kose umutware w’inzu y’imbohe yamuhaga, nk’uko yabigenzaga akiba kwa Potifari. —Intang 39:21-23.

¹² Umunsi umwe, Yozefu yahawe inshingano yo kwita ku bagabo babiri bari barahozze bafite imyanya ikomeye mu ngo-ro y’umwami Farawo. Yozefu yabafashe neza, bituma bamwisanzuraho bamubwira ibyari bibahangayikishije n’inzozi ziteye ubwoba bari barose (Intang 40:5-8). Nubwo Yozefu atari abizi, ibyo yavuganye na bo ni byo byari kuzatuma afungurwa. Nyuma y’imyaka ibiri yarafunguwe, ahita

11, 12. (a) Ni iki Yozefu yakoze kigatuma Yehova amuha imigisha? (b) Ni iyihe migisha yahawe?

aba umutegetsi wa kabiri kuri Farawo. —Intang 41:1, 14-16, 39-41.

¹³ Kimwe na Yozefu, natwe dushobora guhura n’ibibazo biturenze, tudashobora kugira icyo dukoraho. icyakora, iyo dukomeje kwihangana kandi tukihatira gukora ibyo dushoboye byose, Yehova aduha imigisha (Zab 37:5). Nubwo hari igihe dushobora kumva ‘dushobewe,’ nk’uko intumwa Pawulo yabivuze, ‘ntitwiheba’ (2 Kor 4:8). Nidukomeza kwibanda ku murimo, nta kabuza Yehova azabana natwe.

KOMEZA KWIBANDA KU MURIMO WO KUBWIRIZA

¹⁴ Filipo wari umubwirizabutumwa, yabaye intangarugero mu birebana no gukomeza kwibanda ku murimo mu gihe

13. Twakora iki ngo Yehova aduhe imigisha, uko ibibazo twaba dufite byaba biri kose?

14-16. Nubwo hari ibintu byinshi byagiye bihinduka mu mibereho ya Filipo, ni mu buhe buryo yakomeje kwibanda ku murimo?

Twakwigana dute urugero rwa Yozefu, uko ibyatubaho byaba biri kose? (Reba paragarafu ya 11-13)



ibintu bihindutse. Hari igihe Filipino yari i Yerusalemu asohozwa inshingano nshya yari yarahawe (Ibyak 6:1-6). Hanyuma ibintu byagize bitya birahinduka. Abakristo batangiye gutotezwa, icyo gihe akaba ari na bwo Sitefano yishwe.* Ibyo bitoteze byatumye Abakristo bava i Yerusalemu, barahunga. icyakora kubera ko Filipino yashakaga gukomeza gukorera Yehova, yagiye kubwiriza i Samariya, umugi wari utarabwirizwamo.—Mat 10:5; Ibyak 8:1, 5.

¹⁵ Filipino yari yiteguye kujya aho umwuka w’Imana wari kumwohereza hose. Ubwo rero, Yehova yaramukoresheje kugira ngo abwirize no mu mafasi yari atarabwirizwamo. Kuba atarabwirizwamo ku butoni byafashije cyane Abasamariya, kubera ko Abayahudi babasuzuguraga cyane. Byatumye bamutege amatwi “bahuje umutima.”—Ibyak 8:6-8.

¹⁶ Nyuma yaho, umwuka w’Imana wajyanye Filipino muri Ashidodi n’i Kayisariya, iyo migi yombi ikaba yari ituwe n’Abanyamahanga benshi (Ibyak 8:39, 40). Nyuma y’imyaka 20 Filipino abwirije i Samariya, hari ibindi bintu byari byarahindutse mu

* Reba ingingo ifite umutwe uvuga ngo: “Ese wari ubizi?” muri iyi gazeti.

mibereho ye. Kubera ko icyo gihe yari afite umuryango, yagumye ahantu hamwe arahatura, akaba ari na ho abwiriza. Nubwo byari bimeze bityo ariko, Filipino yakomeje kwibanda ku murimo, kandi ibyo byatumye Yehova amuha imigisha myinshi we n’umuryango we.—Ibyak 21:8, 9.

¹⁷ Abantu benshi bari mu murimo w’igihe cyose, biboneye ko kwibanda ku murimo byabafashije gukomeza kurangwa n’ikizere mu gihe imimerere yahindukaga. Igihe Osborne n’umugore we Polite bo muri Afurika y’Epfo bavaga kuri Beteli, bibwiraga ko bari guhita babona akazi katabasaba gukora igihe kinini, bakabona n’aho kuba. Osborne yaravuze ati: “Ikibabaje ni uko tutahise tubona akazi nk’uko twibwiraga.” Polite yaravuze ati: “Twamaze amezi atatu tutarabona akazi, kandi nta mafaranga twari dufite. Ntibyari byoroshye.”

¹⁸ Ni iki cyabafashije kwihanganira ibyo bibazo? Osborne agira ati: “Kubwirizanya n’itorero byaturinze guhangayika, bituma dukomeza kurangwa n’ikizere. Aho kwiyicarira gusa ngo duheranwe n’imihangayiko, twiyemeje guhugira mu murimo wo

17, 18. Ni mu buhe buryo guhugira mu murimo bishobora gutuma dukomeza kurangwa n’ikizere mu gihe ibintu bihindutse?



kubwiriza, kandi ibyo byaduhesheje ibyishimo. Twashakishaga akazi ahantu hose, kandi amaherezo twarakabonye.”

KOMEZA GUTEGEREZA YEHOVA WIHANGANYE

¹⁹ Nk’uko izo ngero tumaze kubona zibigaragaza, nitwihatira gukora ibyo dushoboye byose kandi tugategereza Yehova tumwizewe, tuzakomeza kugira amahoro yo mu mutima. **(Soma muri Mika 7:7.)** Dushobora no kubona ko kwakira ihinduka byatumye turushaho kugirana ubucuti na Yehova. Polite ashingiye ku byamubayeho yaravuze ati: “Guhindurirwa inshingano byatumye menya kwishingikiriza kuri Yehova no mu gihe ibintu biba bitoroshye. Ubucuti mfitanye na we bwarushijeho gukomera.”

²⁰ Mary twigeze kuvuga, n’ubu arakita kuri se ugeze mu za bukuru, ari na ko akora umurimo w’ubupayiniya. Agira ati: “Ibyambayeho byanyigishije ko mu gihe mpangayitse ngomba kubyikuramo, ngase-nga, ubundi ngatuza. Ikintu gikomeye nize, ni uko ngomba kurekera ibibazo mu mabo-

19-21. (a) Ni iki kizadufasha gukomeza kugira amahoro yo mu mutima? (b) Ni izihe nyungu tubona iyo twakiriye neza ihinduka ribaye mu mibereho yacu?

ko ya Yehova, kandi ibyo ni byo bizaba bikenewe cyane mu gihe kiri imbere.”

²¹ Lloyd na Alexandra twavuze tugitanigira, bemeza ko guhindurirwa inshingano batari babyiteze, ari byo bintu byatumye bagaragaza niba koko barizeraga Yehova. Baravuze bati: “Ibigeragezo bigaragaza niba koko dufite ukwizera nyakuri. Uko kwizera kuradufasha kandi kugatuma tubona ihumure mu bihe by’amakuba. Ibigeragezo twahuye na byo byatumye turushaho kugira imico myiza.”

²² Muri iki gihe, ibintu bishobora guhinduka mu buryo butunguranye. Ushobora guhindurirwa inshingano mu muryango wa Yehova, ugahura n’uburwayi, cyangwa ugasabwa kwita ku nshingano nshya mu muryango wawe. Uko byaba bimeze kose, uge wiringira udashidikanya ko Yehova akwitaho kandi ko azagufasha mu gihe gikwiriye (Heb 4:16; 1 Pet 5:6, 7). Hagati aho uge ukora ibyo ushoboye byose, uhuje n’imimerere urimo. Jya usenga so wo mu ijuru Yehova kandi umwishingikirizeho mu buryo bwuzuye. Nubigenza utyo, uzakomeza kugira amahoro yo mu mutima, uko ibyakubaho byaba bimeze kose.

22. Mu gihe twakoze ibyo dushoboye byose duhuje n’imimerere turimo, ni iki dushobora kwiringira tudashidikanya?



Dushobora kubonera imigisha myinshi mu bintu bitubayeho tutari tubyiteze!
(Reba paragarafu ya 19-21)

Igihe Sitefano yatotezwaga, ni iki cyamufashije gukomeza gutuza?

SITEFANO yari imbere y’abagabo b’abagome. Abacamanza 71 bari bagize Urukiko rw’Ikirenga rwa Kiyahudi, bari bamwe mu bagabo bakomeye cyane mu ishyamba rya Isirayeli. Bari batumijwe n’Umutambyi Mukuru Kayafa, ari na we wari uhagarariye urwo rukiko amezi make mbere yaho, igihe Yesu yakatirwaga urwo gupfa (Mat 26:57, 59; Ibyak 6:8-12). Uko abashinjaga Sitefano ibinyoma bagendaga basimburana, abari mu rukiko barebye mu maso he, babona ikintu gitangaje. Hari “hameze nko mu maso h’umumarayika.”—Ibyak 6:13-15.

None se igihe Sitefano yari aho hantu hateye ubwoba, ni iki cyamufashije gucya mu maso no gukomeza gutuza? Mbere y’uko bamukurubana bamujyana imbere y’Urukiko rw’Ikirenga rwa Kiyahudi, yakoraga umurimo n’umutima we wose kandi yari yuzuye umwuka w’Imana (Ibyak 6:3-7). Igihe yari mu rukiko, uwo mwuka waramufashije, uramuhumuriza kandi umufasha kwibuka ibyo yari azi (Yoh 14:16). Ubwo Sitefano yisobanuraga ashize amanga, nk’uko bivugwa mu Byakozwe igice cya 7, umwuka wera wamufashije kwibuka imirongo nka 20 cyangwa irenga yo mu Byanditswe by’Igiheburayo (Yoh 14:26). Ikindi cyamufashije kugira ukwizera gukomeye, ni uko yabonye mu iyerekwa Yesu ahagaze iburyo bw’Imana.—Ibyak 7:54-56, 59, 60.

Natwe hari igihe abantu bashobora kudutera ubwoba kandi bakadutoteza (Yoh 15:20). Nidusoma Ijambo ry’Imana buri muni kandi tukarangwa n’ishyamba mu murimo, umwuka wa Yehova uzadufasha. Nanone tuzabona imbaraga zo gushikama mu gihe turwanywa, kandi dukomeze kugira amahoro yo mu mutima.—1 Pet 4:12-14.

